

TUVUGE TUTAZIGUYE KU

*Guhagarika Umutima*



TUVUGE TUTAZIGUYE KU

# *Guhagarika Umutima*

**GUTSINDA INTAMBARA ZO MU MUTIMA  
KU BW'IMBARAGA Z' IJAMBO RY'IMANA!**

JOYCE MEYER

Warner Faith  
New York Boston Nashville

*THIS BOOK IS PUBLISHED BY*



Progressive Media Vision P.Ltd.,  
512, Road No.30, Jubilee Hills,  
Hyderabad 500 033

*FOR*



Nanakramguda, Hyderabad - 500 008

*AND PRINTED AT*

Caxton Printers,  
11-4-668, Red Hills,  
Hyderabad - 500 04

Nugura iki gitabo kidafite igifuniko uzamenya neza ko bwaba ari ubutunzi bwabonywe mu nzira z’ubujura, bityo uzagifate nk’ikitagurishwa kandi kidahwitse ku ruhande rw’uwagitangaje. Iyo bimeze bityo, umenye ko yaba uwacyanditse ndetse n’uwagitangaje ntawahembewe icyo gitabo kiboneka nk’icyambaye ubusa.

Usibye aho bisobanuye, amagambo yose yo muri Bibiliya yakoreshejwe muri iki gitabo yakuwe muri Bibiliya Yera, la Sainte Bible Révisée©Société Biblique au Rwanda 2001. Iki gitabo, Mbere cyari cyaratangajwe cyitwa: *Mfasha, mpagaritse umutima!* [*Straight Talk on Worry*]

## ***Warner Books Edition***

Uburenganzira bw’umuhanzi © 1998 bwa Joyce Meyer

Joyce Mayer Ministries

P.O.Box 655

Fenton, Missouri 63026

Birabujijwe guhindura iki gitabo utabihereye uburenganzira n’umuhanzi

Warner Books, Inc., 1271 Avenue of the Americas, New York, NY 10020

Sura urubuga rwacu rwa interineti kuri [www.twbookmark.com](http://www.twbookmark.com).

Izina n’ikirango bya Warner Faith biri mu biranga ubucuruzi bya Warner Books

Cyahinduwe mu Kinyarwanda na Nizeyumukiza Justin na Jean Damascène Ngirabahire.

## **IBICE BIKIGIZE**

Intangiriro	7
Igice cya Mbere: KWIGUMIRA MU BWIHISHO	9
1. Kuguma mu bwihisho	11
2. Soma ibyapa: Kwiringira Imana	17
3. Byose bigiye kuba byiza	31
4. Ibitekerezo by’Imana bisumba cyane iby’abantu	51
Umwanzuro	71
Igice cya Kabiri: Imirongo yo muri Bibiliya	83
Ifasha mu kunesha guhagarika umutima	85
<b>ISENGESHO</b>	
Isengesho ryo kurwanya guhagarika umutima	89
Isengesho ryo kugirana ubusabane bwihariye n’Imana	91
Ibitabo byifashishijwe	93
Ubuzima Bw’umwanditsi	95



## INTANGIRIRO

Imana irashaka kugurana nawe. Irashaka ko uyiha ibikubabaza byose, ibibazo byawe, ugutsindwa kwawe – ivu ryawe – na yo ikaguha ubwiza. Izatwara ibikubabaza ahubwo ijye ikwitaho ubwayo.

*Muri 1Petero 5:6-7* handitse ngo: “Nuko mwicishe bugufi, muri munsu y’ukuboko gukomeye kw’Imana, kugira ngo ibashyire hejuru mu gihe gikwiriye. Muyikoreze amaganya yanyu yose kuko yita kuri mwe.”

*Muri Yesaya 61:1,3* Umwuka w’Umwami Imana ari kuri jye, kuko Uwiteka yansize amavuta ngo [mbwirize abagwaneza ubutumwa bwiza, yantumye kuvura abafite imvune mu mutima no kumenyesha imbohe ko zibohowe, no gukingurira abari mu nzu y’imbohe].

Yantumye no gushyiriraho itegeko ab’i Siyoni barira, ryo kubaha ikamba mu cyimbo cy’ivu.

Imana ishaka kutwitaho, ariko kugira ngo tuyemerere, tugomba kurekeraho guhagarika imitima. Abantu benshi bifuzaga kugirirwa neza n’Imana nyamara bakagerageza kwishakira inzira zo kwikemurira ibibazo, aho gutegereza ubuyobozi buvuye ku Mana. Mu by’ukuri uko ni ukwigaragura mu “ivu” ryabo n’ubwo bifuzaga ko Imana ibaha ubwiza. Kugira ngo Imana iduhe ubwiza, tugomba kwemera tukayihereza [ivu] ryacu.

Duhereza Imana ibitubabaje mu gihe twizera ko ishobora kutwitaho, kandi ko izatwitaho. Mu Baheburayo 4:3 haravugako ngo, “Naho twebwe ubwo twizeye twinjijwe muri ubwo buruhukiro...”

Twinjira mu buruhukiro bw’Imana mu kwizera. Guhangayika bihabanye no kwizera.

Guhangayika byiba amahoro yacu, bikaduca intege z’umubiri, bikaba byatugeza no mu burwayi. Iyo duhagaritse umutima ntituba twizeye Imana, kandi ntituba twinjiye mu buruhukiro bwayo.

Mbega kugurana gutangaje! guha Imana “ivu” na yo ikaguha ubwiza! Uhereza Imana ibikubabaje n’ibiguhangayikishije byose, maze ikaguha kurindwa, gutuza, ubuhungiro n’umunezero wuzuye- ni ukuvuga amahirwe yo kwitabwaho no Yo.



**IGICE CYA MBERE**  
**KUBA MU BWIHISHO**



## KUGUMA MU BWIHISHO

Uba mu bwihisho bw'Isumbabyose azahama mu gicucu cy'Ishoborabyose [aho imbaraga z'umwanzi zidashobora kumuhangara] *Zaburi 91:1*

Imana ifite akanya k'ibanga dushobora kwiberamo mu mahoro n'umutekano. Aho hantu h'ibanga ni ahantu h'amahoro no kunezererwa muri yo. Ubwo bwihisho ni "ahantu ho mu mwuka", aho guhagarika umutima gushira, maze amahoro agahinda. Ni akanya Imana ubwayo iba yibereyemo. Iyo turi mu mwanya wo gusenga no gushaka Imana kandi duturiye imbere yayo, tuba turi mu bwihisho.

Ijambo kwigumira bisobanura "kugira ahantu iwawe, gutura, kubayo". Iyo wowe nanjye twituriye muri Kristo cyangwa twibereye mu kanya k'ibanga, ntubaba tukigerayo nk'abashyitsi bahasura rimwe na rimwe, ahubwo tuba dufiteyo ubuturo buhoraho.

Mu isezerano rishya, ijamba "gutura" rifite insobanuro mu rugiriki ihwanye n'iyi "kuguma" riboneka mu butumwa bwiza bwa Yohana 15:7, aho Yesu avuga ati: "Nimuguma muri jye, amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa."

Niba wowe nanjye tugumye mu Mana, bisobanura kimwe no kwiturira mu Mana.

Ni muri ubwo buryo, Bibiliya yiswe "The Amplified Bible" Yasobanuye Yohana 15:7 itya: "nimuba muri jye (nimuguma mu bumwe na njye ) n'amagambo yanjye akaguma muri mwe kandi agakomeza kuba mu mitima yanyu, musabe icyo mushaka cyose *muzagihabwa*."

Mu yandi magambo dukeneye gushinga imizi mu Mana. Dukeneye kumenya isoko y'ubufasha bwacu mu bihe byose no mu bibaho byose.

Dukeneye kugira akanya kacu k'ibanga aho tubonera amahoro n'umutekano.

Dukeneye kwiringira Imana no kuyizera nta gushidikanya na gato.

## ***Mu bwihisho***

Uba mu rwihisho rw'Isumbabyose  
azahama... *Zaburi 91:1*

Umwanditsi wa Zaburi avuga ko uguma mu bwihisho azaba abonye kandi ari mu mutekano. Ahantu h'ibanga ni ahantu h'ubwihisho, ahantu h'umwihariko, cyangwa ahantu h'ubuhungiro. Ni ahantu duhungira iyo dufite akababaro, twihebye cyangwa twumva ducitse intege.

Ni ahantu duhungira iyo twumva dufashwe nabi cyangwa dutotejwe, iyo dufite ibyifuzo bikomeye cyangwa hari ibyo twumva byaturenze.

Ndibuka ubwo nari umwana, iwacu twabaga mu nzu nini ifite ibyumba byinshi. (Mama yasukuraga iyo nzu, akaba ari na bwo buryo twabonagamo amafaranga yo kuyikodesha). Yari inzu nini itatse, ifite imitako myinshi ikoze mu biti, ikagira utwanya duto tw'ibanga twiza muri yo. Umunsi umwe nza gutahura kamwe muri utwo twanya tw'ubwiherero.

Hari intebe nto y'urubaho, iri muni y'amadarajya (escaliers) ajyana mu nzu yo hejuru, muni y'idirishya ry'ikirahure. Ndetse n'uyu muni ndibona nicaye kuri iyo ntebe ndiho ntekereza. Sinzi neza icyo natekerezaga nk'umwana muto, ariko ndibuka ko nari mfite utubazo mu mutima mfite n' agahinda.

Ubuzima bwanjye mu rugo bwarangwaga n'ibibazo no kudatuza mu bibazo byo mu rugo. Ako kanya karimo intebe muni y'amadarajya, kari karambereye ubwihisho. Aho niho nahungiraga iyo numvaga mfite ubwoba cyangwa nkeneye guhumurizwa.

Uyu murongo wo muri Bibiliya utubwira ko Imana ishaka kutubera ubwihisho.

Abantu bamwe mu isi bahitamo kwiyahuza inzoga, ngo ibabere ubwihisho. Abandi bihisha mu biyobyabwenge binyuranye, abandi bagakunda kureba televiziyo. Bamwe bicwa n'agahinda bagahitamo gushyira ibitwikirizo ku mutwe wabo. Hari abantu benshi hano mu isi bihisha mu bintu byinshi.

Aho guhungira mu by'isi, Imana irashaka ko tubonera ubuhungiro muri yo. Ibyo akaba ari byo iyi nteruro ishaka kuvuga ngo: "ubwihisho bw'Isumbabyose."

Iyo dufite ibibazo, hari ibyadutesheje umutwe, Imana idusaba guhungira mu gicucu cy'amababa yayo. Irashaka ko twajya duhungira muri yo!

## ***Mu gicucu cy'Ishoborabyose***

...azahama mu gicucu cy'Ishoborabyose [aho imbaraga z'umwanzi zidashobora kumuhangara].  
*Zaburi 91:1*

Iyo turi mu bwihisho bw'Isumbabyose ni he wadusanga? Umwanditsi wa Zaburi avuga ko tuzaguma mu "gicucu cy'Ishoborabyose" aha ni ho Imana ishaka ko ubwoko bwayo buba. Data wo mu ijuru ntashaka ko tumusura rimwe na rimwe cyangwa ko tumuhungiraho igihe twumva turemerewe, ashaka ko tuguma mu gicucu cy'amababa ye, tukiberamo, tugaturamo. Iyo tubigenje dutyo tuguma mu mutuzo kandi dushikamyeye kuko nta mwanzi watsinda imbaraga z'Ishoborabyose. Tugumye muri uwo mwanya, satani ntiyadutinyuka.

Habaheyo igihe mu buzima bwanjye ninjiraga nkongera ngasohoka mu mwanya w'ubwihisho ariko naje gutahura ko iyo ninjijeyo, iyo ngumye yo, sinongera kumva kuremererwa ukundi.

Dukeneye Uwitwaga iminsi yose-atari rimwe na rimwe. Mu butumwa bwiza bwa Yohana 15:5, Yesu aravugaga ngo: "Ntacyo mwabasha gukora mutamfite". Ariko se kwigumira mu gicucu cy'Ishoborabyose birashakira kuvuza iki? Mbere ya byose, ijamba "igicucu? risobanura ahantu ho "kugama", ahantu ho guhungira ubushyuhwe bw'izuba cyangwa ubw'icyokere cy'isi.

Igicucu nk'uko tukizi, akenshi kigira imbago. Niba twifuza kuguma mu gicucu cy'amababa y'Imana, hari imbago tugomba kutarenga. Imbago ni umwanya cyangwa urugabano ruri hagati y'imiterere ibiri itandukanye. Ku birebana n'igicucu, imbago ni aho igicucu kirangirira, ari naho imirasire y'izuba itangirira.

Tuvuge ko ari saa sita z'amanywa, izuba rirava n'ubukana bwaryo bwose kandi turabona.

igiti kinini. Tugiye tugahagarara muni y'icyo giti twakumva tumerewe neza mu gicucu kurusha uko twakomeza guhagarara ku zuba.

Iyo abantu bakorera hanze ku kizuba bagatangira kubira ibyuya, baba bifuzaga kubona igiti gifite igicucu bakikinga muni ya cyo igihe cyo kuruhuka. Abantu bamwe batera ibiti bitanga igicucu bigakikiza amazu yabo, kuko bazi ko bigabanyaga icyokere, mu nzu imbere ndetse hakazamo amafu.

Bityo rero igicucu ni ahantu hakenewe, cyane cyane mu gihe cy'izuba. Iyo twiyemeje kuguma mu gicucu cy'amababa y'Imana, ubuzima burushaho kuba bwiza.

Nta cyokere kandi twavugaga ko tutazongera "kumva icyunzwe", niba ari ko twavugaga. Aho guhangayikishwa n'ibibazo byacu, ahubwo icyo gihe turuhukira mu Mana.

Niba kandi twiyemeje guhagarara ku zuba, tugiye kwitesha umunezero, kwiyuha icyuya, kuba abanyamubabaro, kwicwa n'icyaka no kugwengera.

Buri wese muri twe ni we uhitamo aho ashaka guhagarara - mu gicucu yiringiye Imana cyangwa ku ruzuba yiyuha icyuya - muri Yesu, cyangwa mu isi n'ibibazo bya yo byose. Uzahitamo guhagarara he? Ndifuzza kuguma mu gicucu. Nyamara nk'uko twese bijya bitubaho, hari igihe nnyewe nsohoka mu gicucu, nkibona nageze mu icyokere n'icyunzwe byo hanze, aho imibereho itari myiza cyane. Maze iyo numvise ngiye gupfa, nsubira mu gicucu kongera kuruhukiramo. Hanyuma na none nkongera kwibona ku bushyuhe bw' izuba.

Mu Baroma 1:17, Bibiliya ivuga ko dushobora kubaho tuva mu kwizera tujya mu kwizera. Nyamara hari igihe tubaho tuva mu kwizera tujya mu gushidikanya, hanyuma tukajya mu kutizera, hanyuma tukongera tukagaruka mu kwizera. Byagenda bite niba dushaka kuguma mu bwihisho bw'igicucu ariko hanyuma tugasanga twabuvuyemo?

Twamenya dute ko turi kugenda dusohoka mu mbago z'uburinzi bw'Imana? Tuzabimenyeshwa n'ibyapa bituyobora, Uwiteka yashyize mu nzira tunyuramo.



## **SOMA IBYAPA BIYOBORA: KWIRINGIRA IMANA**

Tekereza ko utwaye imodoka mu muhanda. Uwo muhanda ni inzira y' ubugingo. Mu muhanda hagati harimo imirongo. Rimwe na rimwe ni imirongo ibiri y' umuhondo yo kukuburira "Niwambukiranya iyo mirongo, urahura n'ingorane; ushobora guhura n'amakuba yo kugongana n'indi modoka."

Rimwe na rimwe ni imirongo icagaguye (idakomeza) y'umweru ikumenyeshya ngo "ushobora gukandagira mu kindi gice cy? Umuhanda no guca ku yindi modoka ikuri imbere niba ubishatse wambukiranye iyo mirongo. Birashoboka ko nta kibazo wahura na cyo ariko na none ushobora guhura n'ingorane mu gihe utarebye neza, imodoka mugiyeye guhura nazo ngo wizere neza ko inzira ari nyabagendwa."

Hari n'ibyapa bishinze ku muhanda biyobora mu buryo bwihariye "inkengero yorohereye" "amabuye ahanuka?", icyerekezo kimwe", "kuyobya umuhanda", "umuhanda urimo kubakwa", "imbere hari ikoni". Iyo wumviye amabwiriza ari kuri ibyo byapa, biragufasha kuyobora imodoka yawe neza mu muhanda. Uzirinde kwegera cyane uruhande rw'ibumoso kugira ngo udasekurana n'indi modoka kandi uzirinde kwegera cyane uruhande rw' iburyo ngo udatura imodoka mu muferege.

Ni muri ubwo buryo hariho ibyapa mu buzima bwa gikristo. Kugira ngo twibere mu burinzi bw' Imana, tugomba kumvira ibyo byapa biri ku nzira yose bitubwira kwiringira Imana no

kureka guhagarika umutima, kugira ubwoba cyangwa kwiganyira, ahubwo bitubwira kureka Imana ikaba ari yo itwitaho.

Bityo aho gutekereza cyane twishakishiriza inzira z'igisubizo, dukwiriye kwerekeza ibitekerezo byacu ku bintu by' "ukuri", "ibyho kubahwa", "ibyho gukiranuka", "ibiboneye", "iby'igikundiro", "ibishimwa", "ingeso nziza" cyangwa "ishimwe" Abafilipi 4:8.

Niba twumviye ibyo byapa kandi tukaguma mu mbago z'umuhanda, tuzashobora kuguma.

mu nzira. Tuzarindwa kandi amasezerano atangaje dusanga mu ijambo ry' Imana azasohozwa mu buzima bwacu.

### ***Kurikira icyapa!***

Kandi ni mujya kunyura iburyo cyangwa ibumoso, amatwi yawe azajya yumva ijambo riguturutse inyuma rivuga riti: "Iyi niyo nzira mube ariyo mukomeza." *Yesaya 30:21*

Tuvuge ko utwaye imodoka mu muhanda w'ubugingo kandi utangiye guta umuhanda ugana mu ruhande rw' iburyo. Uvumbuye ko umuhanda ugenda uba mubi ugereranyije n'aho waturutse, maze ugatangira kwitondera aho hantu utwaye imodoka. Ariko ugahita wibuka icyapa wigeze kubona mbere kivuga ngo "Wiringire Imana kandi ntuhagarike umutima". Niwiyemeza gukomeza iyo nzira urimo ushobora no kugera

kure cyane, ukarenga umuhanda ukagwa mu mukoki. Bityo uzakenera guhamagaza imodoka ya depanaje(ifasha gukurura izaguye) ngo ize kukuvanayo.

Uko ni ko bigenda iyo duhisemo guhagarika umutima aho kwizera Imana. Iyo dusohotse mu burinzi bw'Imana, ibyo bituma umwanzi adufata bitamugoye. Iyo bigenze bityo, nta kindi gikurikira usibye gutakaza amahoro yacu byanze bikunze.

### ***Inzira zigororotse***

Kandi muharurire ibirenge byanyu inzira zigororotse, kugira ngo ikirenge gicumbagira kidakuka rwose ahubwo gikire [nibyo muzitunganye, muzigorore, izo nzira zishimishije zigana mu cyerekezo cyiza]. *Abaheburayo 12:13*

Iyo ufashe icyemezo kibi, iyo uhisemo guhagarika umutima aho kwizera Imana, uzatagira gutakaza umunezero n'amahoro byawe. Uzatangira ndetse no kwishyiramo ko ibintu bitakigenda neza nka mbere kandi ko hari ahantu wayobeye inzira. Ukibura amahoro yawe, ugomba guhagarara ukavuga uti: "ba uretse umunota umwe; ni ibiki ntarimo gukora neza?"

Nzi ko iyo nibutse inzira y'ubungigo nacyemo mpita numva muri nje mbuze amahoro. Iyo ibyo bimbayeho ndahagarara nkibaza nti: "Mana, ni hehe nacumuye?" Ubwo menya ko iyo nabuze amahoro yanjye kiba ari ikimenyetso ko uwo muni ntagendeye mu bwihisho bw'igicucu cy'amababa ye.

Akenshi ibyo bibaho iyo natangiye guhagarika umutima. Rimwe na rimwe bimbaho igihe nakoze ikosa sinryihane cyangwa nagiriye nabi umuntu kandi sinite ku ikosa ryanjye.

Icyo gihe ndayibaza gusa nti: "Mana, nyereka impavu natakaje amahoro yanjye." Iyo menye icyabiteye, nkora ibishoboka byose ngo nsubire mu bihe byanjye byiza. Iyo ubonye ko uri mu bihe bigusunikira mu guhagarika umutima kandi ushaka gukurikiza ibyo Imana yakweretse gukora, nakugira inama yo gusoma n'ijwi riranguruye amagambo Yesu yavuze mu butumwa bwiza bwanditswe." na Matayo 6:25-32

### ***Rekeraho guhagarika umutima***

Ni cyo gitumye mbabwira nti:  
"ntimukiganyire [muhangayitse, mufite ubwoba] ngo mutekereze ubugingo muti: 'Tuzarya iki?' Cyangwa muti 'tuzanywa iki?' Ntimwiganyire ngo mutekereze iby'umubiri wanyu ngo, 'tazambara iki?' Mbese ubugingo ntiburuta ibyo kurya, umubiri nturuta imyambaro." *Matayo 6:25.*

Niba ufite indyo idasanzwe (régime), ahari wari ukwiye gutangira gusoma agace ka mbere k'uwo murongo -agace kerekeye ibyo kurya no kunywa! niba umeze nka njye, igihe ufite indyo idasanzwe, birashoboka ko watekereza ibyerekeye ibyo kurya gusa!

Ndibuka igihe nafataga amafunguro ya "régime", umunsi wose nabaga nibaza ibyo ndiburye n'uko ndaza kubitegura.

Nabaga ndimo kubipima mu bitekerezo byanjye no kubara intungamubiri (kalori) zirimo. Hari n'igihe byanteraga gusozza cyane kuko nta kindi nakoraga uretse gutekereza ku biryo gusa!

Mu by'ukuri, duhangayikira buhoro ibyo turya n'ibyo tunywa kurusha uko duhagarika umutima iyo tubuze icyo twakora mu gihe iki n'iki. Tukibaza ngo: mbese iki kintu cyangwa kiriya kibayeho, byagenda bite?

Benshi muri twe dufite imyambaro iduhagije, ibiryo bikwiriye, amazu meza n'amamodoka adufasha mu kazi. Ariko iyo ibintu bibaye ibindi kandi iyo tugeze mu bihe bigaragara ko ibintu bidashoboka, twumva amajwi muri twe asakuza ngo "Noneho urabigenza ute?" Bityo tugatangira guhagarika umutima.

## ***Murebe inyoni***

Nimurebe ibiguruka mu kirere, ntibibiba, ntibisarura, ntibihunika mu bigega kandi So wo mu ijuru arabigaburira na byo. Mwebwe ntimubiruta cyane? *Matayo 6:26*

Hari ubwo wabonye inyoni yicaye mu giti ifite agahinda? Wigeze ubona inyoni itamba hirya no hino yibaza ngo "yooo! sinzi aho nza kubona umunyorogoto uyu muni? Nkeneye utunyorogoto two kurya! Mbega Imana idakoze utunyorogoto uyu muni nabigenza nte? Ndumva nasozza hafi yo gupfa!" Byagenda gute Imana ikomeje gukora utunyorogoto ariko ntituryohe uyu mwaka? Cyangwa nk'ubu Imana idatanze

imvura ngo utunyorogoto tuboneke mu butaka byagenda bite? Nabigenza nte mbuze utwatsi two kubaka icyari cyanjye? Byagenda bite? Byagenda bite? Byagenda bite?"

Yesu yaravuze ati: "Nimurebe inyoni" Ntizijya zihangayika. Buri muni ziba zigurukira mu kirere no hanze y'amazu zirimbira kandi zifite ibihe byiza.

Ndibaza amahoro twakwiyumvamo njye nawe tugiye dushaka nk'isaha imwe tukajya twitegereza inyoni!

### ***Mbese umusaruro wo guhagarika umutima ni uwuhe?***

Ni nde muri mwe wiganyira wabasha kwiyunguraho mukono umwe? *Matayo 6:27*

Birunvikana ko ibisubizo by'iki kibazo byarenga kimwe. Gusa, birunvikana ko tuba twigabanyiriza igihe cyo kubaho, iyo guhagarika umutima tubigize akamenyero muri twe!

Aho kwiganyira, tugomba kuba nk'inyoni zo mu kirere ziringira Imana gusa, kandi zikirimbira umunsi wose nk'aho zititaye ku by'isi.

### ***Mutekereze ku burabyo***

None se ikibaganyisha imyambaro ni iki? Mutekereze uburabyo bwo mu gasozi uko bumera: Ntibusira umurimo, ntibusoha imyenda, kandi ndababwira yuko Salomo mu bwiza bwe bwose (mu cyubahiro cye, mu gitinyiro cye, mu buntu

bwe), atarimbaga nk'akarabyo kamwe ko muri ubu. Ariko Imana ubwo yambika ubwatsi bwo mu gasozi ityo, buriho none ejo bakabujugunya mu muriro, ntizarushaho kubambika, mwa bafite kwizera guke mwe? *Matayo 6:28-30*

Icyo Yesu yashakaga kuvuga ni uko uburabyo bwo mu gasozi budahangayikishwa n'imirimu yo mu mubiri. Ntacyo bukora ngo bube uburabyo, niko buri. Kandi Imana iburimbisha neza cyane.

Dutekereze se koko ko turi ab'igiciro gito imbere y'Imana kurusha inyoni n'uburabyo?

### ***Ntimukiganyire***

Nuko ntimukiganyire mugira ngo 'Tuzarya iki?' Cyangwa ngo 'tuzanywa iki?' 'Cyangwa ngo tuzambara iki?' Kuko ibyo byose abatizera [abapagani] babishaka, kandi So wo mu ijuru azi ko mubikwiriye byose. *Matayo 6:31-32*

Ikibazo cyo guhagarika umutima ni uko bidutera kwibaza ibintu nka: "Turarya iki? "Turanywa iki?", "turambara iki?" mu yandi magambo ngo: "Turabigenza dute niba Imana itigaragaje mu ruhande rwacu?" Dutangira kwitotomba no kuvugavuga amagambo.

Aho gucyaha ubwoba no kurwanya guhangayika, ayo magambo ni yo atuma turushaho kugira ubwoba no guhangayika.

Igiteye agahinda muri ibi bintu ni uko ubu ari bwo buryo buranga imikorere y'abantu batazi ko bafite Data wo mu ijuru, ariko njye nawe tuzi ko dufite Data wo mu ijuru, bityo dukwiye kwitwara dutyo.

Abatizera bo ntibamenya kwizera Imana, ariko twebwe twabishobora.

Yesu atwemeza ko Data wo mu ijuru azi neza ibyo dukeneye byose, mbere y'uko tubimusaba. None kuki twabihagarikira umutima? Ahubwo tugomba kwerekeza ibitekerezo byacu ku bintu bibirusha agaciro - ibintu by' Imana.

### ***Mushake mbere na mbere ibintu by'ibanze***

Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana [mushake mbere na mbere ibintu by'ibanze] no gukiranuka kwayo, nibwo ibyo byose muzabyongerwa. *Matayo 6:33*

Mu gihe cy'imyaka myinshi, nabanzaga kuzenguruka mbere yo kubwiriza mu materaniro, mbese ari nko kwinanura no kwitunganya. Nabaga nsenga ngo: "yooo, Mana mfasha!"

Nta kibi kiri mu gusaba Imana ngo igufashe, ariko njye nasengaga mbitewe no guhangayika kuruta kwizera. Ariko ubu noneho, iyo nitegura kujya ku murimo, niga ijambo ry'Imana kandi nkitegura uko bishobotse kose. Bityo mbere y'uko iteraniro ritangira, mfata akanya mu isengesho rituje no gutekereza mu mutima, ndamya Imana kandi nkagirana



ubusabane na yo. Ntiyigeze integeka gushaka iteraniro rinini, ntiyigeze integeka gushaka amaturu menshi. icyo nkora ni ukuyishaka gusa maze nayo ikita ku ngano y'iteraniro, ikita ku mubare w'amaturu, n'ibindi byose. Akenshi tumara umwanya wacu wose dushaka Imana ngo isubize ibibazo byacu, nyamara icyo twagombye gukora ari ugushaka Imana ubwayo.

Igihe cyose dushaka Imana, tuba dutuye mu bwihisho bwayo, mu gicucu cy'amababa ya yo ("...munsi y'amababa yayo niho azakubundikiriza amoya ye kandi uzajya uhungira munsi y'amababa ye" ... zaburi 91:4).

Nyamara iyo dutangiye gushakashaka ibisubizo by'ibibazo byacu byose n'ingorane zituzengurutse, dushaka kubona ibyo twifuzaga, aho gushaka gusohozaga ubushake bw'Imana, tuva munsi y'igicucu cy'amababa yayo.

Mu gihe cy'imyaka myinshi nashakashatse Imana nyisaba ko yakwagura umurimo wanjye. Umusaruro wavuyemo wabaye ko uwo murimo wagumye uko wari uri, ntiwigeze ukura.

Ndetse rimwe na rimwe wagenda usubira inyuma. icyo ntari nabashije gutahura ni uko icyo nari nkeneye gukora kwari ugushaka ubwami bw'Imana nayo ikazakuza itorero. Ese ujya unamenya ko utagomba no guhangayikira iterambere ryawe mu buryo bwo mu mwuka! icyo ukeneye gusa ni ugushaka ubwami bw'Imana, nayo ikongeraho gukura. Wari uzi ko utanakeneye guhangayikishwa no gukura kwawe ko mu mwuka? icyo ukeneye gukora ni ugushaka ubwami bw'Imana,

nyuma y'aho uzakura. Mushake Imana, mugume muri yo, ni yo izatuma habaho gukura no kwiyongera.

Uruhinja runywa amata gusa maze rugakura. icyo wowe nanjye tugomba gukora ni ukwifuzza amata y'umwuka y'Ijambo ry'Imana, kugira ngo adukuze. (1 Petero 2:2).

Ntacyo twakwigezaho dukoresheje imbaraga zacu, ahubwo tubanze dushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo ni uko ibindi twifuzza tuzabyongererwa. Ntugomba gushaka impano z'Imana ahubwo dushake Imana ubwayo.

### ***Umare umwanya mu gicucu***

Icyo nsaba Uwiteka ni kimwe, ni cyo nzajya nshaka [nshyizeho umwete], ni ukuba mu nzu y'Uwiteka iminsi yose nkiriho, nkareba ubwiza bw'Uwiteka, nkitegereza urusengeru rwe [imbere ye]. Kuko ku muni w'amakuba azandindisha kumpisha mu ihema rye, mu bwihisho bwo mu ihema rye niho azampisha. Azanshyira hejuru ampagarike ku gitare. N'ubu umutwe wanjye uzashyirwa hejuru y'abanzi banjye bangose, ntambire ibitambo by'ibyishimo mu ihema rye, ndirimbe, ni koko nzaririmba ishimwe ry'Uwiteka.  
*Zaburi 27: 4-6*

Hariho igihe tubaho ubuzima budusubiza inyuma. Ibi ni byo nakoraga nanjye mu myaka yashize. Nifuzaga kugira umurimo mugari, nifuzaga guhinduka ku buryo butari bumwe

muri nje kuko ntikundaga. Nifuzaga ko umugabo wanjye yahinduka, nashakishaga uburyo abana banjye bahinduka. Nifuzaga gukira uburwayi no kuba umutunzi. Nashikiraga ikintu cyose kiri muni y'izuba, kandi nta mwanya namaraga mu gicucu.

Nibwo Imana yansanze maze inyereka aho nakoraga amakosa. Yakoresheje Zaburi ya 27:4-6, kugira ngo impamirize cyane ko ngomba kubanza kuyishaka n'ubwiza bwayo iminsi yose y'ubuzima bwanjye.

Muri icyo gihe nasabaga ibintu byinshi kandi nta na kimwe muri byo cyari gifitanye isano no gushaka kubana n'Imana. Nyamara ubwo natangiraga kuyishaka, ibyo nibyo nifujye kurusha ibindi.

Hanyuma iyo amakuba yazaga, yarampishaga nuko nkibera mu bwihisho bwo mu ihema ryayo. Iyo umwanzi yazaga kundwanya ashaka kundimbura nazamuraga urusaku rw'ibyishimo nkaririmba amashimwe y'Imana. Satani ntiyashoboraga kumpangara kuko nari ndi mu bwihisho bw'Isumbabyose. Ntiyashoboraga kunshyikira. Satani ntiyashoboraga kandi kuntera guhagarika umutima, kuko nari nibereye mu bwugamo, aho nta kintu cyari kimpangayikishije.

### ***Ntimukagire icyo mwiganyira***

Ntimukagire icyo mwiganyira ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingiye, mushima. Nuko amahoro y'Imana

ahabuje rwose, ayo umuntu yamenya, azarindire imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu.  
*Abafilipi 4:6,7*

Hashize igihe kirekire Imana imbwiye ko igihe nje imbere yayo gusenga nagombaga kuyihereza ikintu cyose Satani yari yaragerageje kumpa. icyo ni cyo gusenga bivuga. Umwanzi aza kuri twe akaduhereza ibibazo. Turavuga tuti : "Ibi sinabibasha kuko biremereye cyane, none Mana ngibi ndabiguhaye." Mu Bafilipi 4:6-7 intumwa Pawulo iratubwira ngo "musenge kandi ntimwiganyire." Ntivuga ngo "Musenge kandi mwiganyire."

Iyo dusenga tugahereza Imana imitwaro yacu, icyo ni ikimenyetso ku Mana ko tuyiringira. Ng'uko uko isengesho ryose ryagombye kuba.

Ibi mbikora inshuro nyinshi kubirebana n'umuhungu wanjye Daniyeli, imyaka irenze icumi. We aracyari mu rugo kandi kubera ko njye n'umugabo wanjye dufite umurimo udusaba kugenda cyane, bikambabaza kubona dusiga Daniyeli inyuma. Mbere y'uko arangiza amashuri, yigeze kuntelefona ambwira yuko ari guhura n'ibibazo mu ishuri ko kandi adukumbura iyo twagiye, kuko twamusize, cyane cyane mu masaha ya mu gitondo abyutse no mu masaha yo kuryama nijoro.

Mu gihe cy'imyaka, nnyewe na Dave twateje imbere imibanire myiza n'umuhungu wacu. Turamukunda na we akadukunda? Umwana wacu muto yari afite imyaka icumi ubwo Imana yatubwiraga kubyara Daniyeli. Bityo rero ni uruhinja rwacu!

Twari duhangayikishijwe na we ubwo yinjiraga mu mashuri yisumbuye kuko twari tuzi ko azahurirayo n'ibyamutsikamira n'ibyamuhindura imico.

Twese duhura n'ibiturushya bya buri muni, tugomba guhangana na byo. Kugwa mu mutego wo kumva twigiriye impuwe ubwacu, kugendagenda mu nzira twubitse umutwe kubera ko.

Ibintu byose mu buzima bwacu nta na kimwe kigenda neza, ibyo ntaho byatugeza. Tugomba guhindura intego tugakora ibyo Bibiliya itubwira - gusenga.

Igihe natangiraga guhangayikira Daniyeli, igihe twabaga turi kure ye twaragiye ku murimo w'Imana. Narasengaga nti:

"Data ndagushimira ko witaye kuri Daniyeli", ndagushimira Mana ko ufite umugambi mwiza ku buzima bwe, kandi ko umuragiye kandi utegura ikintu cyiza cyamugirira akamaro. Ndagushimira ko atwikiriwe n'amaraso y'umwana wawe Yesu.

Wowe nanjye nidutangira gusenga muri ubwo buryo, Satani azahunga adusige twenyine. Azabona ko tudahungabanye kandi ko twiyemeje kwizera Imana.

## ***Guma mu byiza***

Ariko rero asabe yizeye ari ntacyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze nk'umuraba wo mu nyanja, ujanwa n'umuyaga ushushubikanywa. Umeze atyo ye kwibwira ko azagira icyo

[yasabye] azahabwa n'Umwami Imana.  
*Yakobo 1:6-7*

Iyo duhereje Imana ibitugoye mu isengesho kandi tugakomeza guhangayika tuba tuvanga imbaraga nziza n'imbi. Gusenga ni imbaraga nziza naho guhangayika ni imbaraga mbi. Iyo izo mbaraga uziteranyije ugera kuri zeru.

Sinzi ibyawewe, ariko sinshaka kugira imbaraga zihwanye na zeru. Ni yo mpanvu nirinda kuvanga gusenga no guhangayika.

Imana yigeze kumvugisha rimwe irambwira iti: "Abantu benshi bakorana n'imbaraga zihwanye na zeru, kuko bavanga buri gihe ibisenya n'ibyubaka. Batura ibyiza umwanya muto, undi mwanya bakatura ibibi. Basenga umwanya muto undi mwanya bagahangayika. Umusaruro ni uko bajya imbere n'inyuma, ntibatere intambwe ijya imbere ngo bigaragare.

Kuki badafata icyemezo cyo kuguma mu byiza biringira Imana aho guhagarika umutima?

## BYOSE BIGIYE KUBA BYIZA

Icyapa cya kabiri kirebana n’ibyerekeye kwiganyira. Kiravuga ngo “Ntutinye kandi ntiwiganyire”. Iki cyapa kiratanga imbuzi nk’iy’icya mbere, ngo “wiringire Imana kandi ureke kwiganyira”, ariko ingaruka zo kutacyumvira zirushijeho kuba mbi.

Aho kugwa mu mukoki, nk’uko byari kuba iyo wegera cyane uruhande rw’iburyo, aha ushobora kugongana n’indi modoka. Ni nko kwambukiranya ya mirongo ibiri y’umuhondo yo hagati mu ikoni.

Kwiganyira aho gutaniye no guhagarika umutima, ni ikiyumviro kitubuza amahoro kandi kikatugumamo na nyuma y’uko twibwira ko twabiboneye umuti. Ni nko guhagarika umutima kwikubye kabiri. Iyo tugiye muri icyo cyerekezo, tuva mu kwizera tukinjira mu bwoba, cyane cyane ubwoba bw’ejo hazaza n’ubwoba bw’ibitazwi. Ingaruka ni ukwiganyira.

### ***Ibimenyetso by’amaganya***

“Amaganya yo mu mutima atera umuntu  
akiyunviro .... *imigani 12:25*

Amaganya azana kuremererwa mu buzima bw’umuntu. Webster ivuga ko amaganya “ari igihe wumva udatuje, ufite ubwoba cyangwa uhangayitse.” Rimwe na rimwe uku kudatuza

ntikuba kumvikana, Ni ikintu utashobora gutunga urutoki. Ntiwamenya neza icyo ari cyo. Icyo tumenya gusa ni uko twumva tudatuje, rimwe na rimwe n’iyo turi mu bandi bantu.

Webster ivuga ko “gutinya” ari ukwiyumvamo amaganya y’ibitaraba. “ubwoba bukomeye” mu yandi magambo, gutinya ni uburyo bubi bwo kwiganyira.

Ndibuka uburyo bubi bwo kwiganyira nigeze kugira. Nari naraciye mu buzima bubi cyane ku buryo nahoraga ntekereza ku bintu bibi gusa bigomba kumbaho. Ariko sinumvaga neza ibyo bintu byambagaho kugeza ubwo Imana ubwayo yabimpishuriye mu Byanditswe Byera.

### ***Kwiyumvamo ibibi bigiye kukubaho***

Iminsi y’umunyamibabaro yose ni mibi [ku bw’intekerezo mbi no kwiheba] ariko ufite umutima unezerewe ahora mu birori [atitaye ku bihe arimo]. *Imigani 15:15*

Hashize imyaka myinshi ubwo mu gitondo nari ndimo gusokoza umusatsi nireba mu ndorerwamo. Naje kwiyumvamo ibiyumviro bidasobanutse binyemeza ko hari ikintu kibi cyari kigiye kumbaho. Sinasobanukiwe ibyo ari byo icyo gihe kuko hari hashize igihe gito nujujwe Umwuka Wera, naratangiye no kwiga Ijambo ry’Imana. Icyo nari nzi ni uko niyumvagamwo ikintu kinteye ubwoba.

Ubwo nahisemo kubaza Imana nti “iki kintu ni igiki gihora kingose igihe cyose?” Nari mbimaranye igihe kinini. Imana



yarambwiye iti “ni umwaku ukomoka ku mwanzi.” Nari ntarigera numva iryo jambo. Naribwiye nti: “ni iki mu isi cyashobora kwitwa umwaku”. Ubwo nahise njya gushaka iryo jambo mu nkoranyamagambo, nibwo natahuye ko iryo jambo risobanura kwiyumvamo akaga cyangwa ikibi kigiye kukubaho.

Nasobanukiwe ko kwiyumvamo akaga kagiye kukubaho, ntaho bihuriye n’ibiriho muri uwo mwanya; ni icyiyumviro kibi cyerekeye ingaruka z’ibizaba mu gihe kizaza.

Icyo gihe sinari nzi ko iryo jambo riboneka muri Bibiliya. Nyuma ariko naje guhura naryo mu *Migani 15:15*, ahavugwa ibyerekeye “amaganya no kwibwira ibibi bigiye kuba.”

Imana ishaka ko twiyambura imibabaro y’ibibi twibwira ko bigiye kutubaho, kugira ngo twibereho mu buzima bw’ibyishimo. Ibyo ariko byoroshye kuvugwa kurusha kubikora kuko umwanzi wacu Satani yifuza ko twemera ko nta kintu na kimwe gishobora kugenda neza.

Ashaka kutwumvisha ko ntawe utwumva kandi ntawemera ibyacu ko nta muntu uzadukunda cyangwa ngo yifuze kutwegera. Ko nta muntu n’umwe uzatwitaho. Ashaka ko twunva dufite ipfunwe ry’ibyahise, nta bufasha twabona muri iki gihe kandi ntitugire ibyiringiro by’ejo hazaza.

Ashaka kurundanya amaganya n’umubabaro hejuru yacu kugira ngo tuve mu busabane bwacu n’Imana kandi turangare twe gukora umurimo yadushyize imbere.

Ubusobanuro bwose bw’ijambo “kwiganyira”- “guhanganika”, “kubabara” bitewe n’ikintu utiyumvisha neza”

gutekerezanya, kugaragaza guhagarika umutima” bwose burabihamya.

### ***Niba waracunguwe, vuga utyo!***

Abacunguwe n’Uwiteka bavuge batyo, abo yacunguye akabakura mu kuboko k’umwanzi.

*Zaburi 107:2*

Iyo utahuye ko umubi ashaka kukurangaza ntukicare ngo utuze, Satani akomeze agukubitishe guhangayika n’itekerezo mbi. Bumbura akanwa kawe uvuge ikintu kimwe satani adashaka kumva, azaguhunga. Tangira kwatura ubutware ufite muri Kristo.

Rimwe na rimwe iyo nitegura kujya kubwiriza mu rusengero cyangwa mu mahugurwa, itekerezo mbi zitangira kundasa imyambi. Mu myaka ishize nari ndimo nibaza umubare w’abantu biyandikishije ngo bazaze mu iteraniro ry’abagore nagomba kuyobora. Nabajije umuyobozi unyungirije, ambwira ko atari benshi biyandikishije, ariko ambwira ko abateguye iryo teraniro bizeraga ko hashobora kuza abantu benshi nk’abaje mu mwaka wabanje. Ako kanya muri jye hahise hanzamo iki gitekerezo: “None habura umuntu n’umwe? None njye n’ikipe dukorana twaba twafashe urugendo rungana rutyo maze abantu bake cyane akaba aribo baboneka? 3 Ariko nahise niyongeramo imbaraga nkoresha akanwa kanjye, maze mvuga n’ijwi rirenga nti, “Byose bizaba byiza”.

Rimwe na rimwe tugomba kubikora, kuko nitutabikora kwiyumvamo ibibi bigiye kuba bizakomeza kutuzenguruka

bidutere imihangayiko n' imibabaro. Umunsi natahuye izi ntekerezo z' imihangayiko n' iby' ibyumviro bibi ngahita mbitegeka, Imana yantagiye kubohora ubuzima bwanyje ku buryo natangiye kubwishimira.

Satani ashirya intekerezo z' akababaro n' imihangayiko mu mitima yacu ndetse rimwe na rimwe akazirashisha ubwenge bwacu. Satani yiringira ko tubyakira dutyo, tugatangira “kubyatura” mu kanwa kacu. Iyo dukoze dutyo, Satani aba afite ibikoresho byo gukora imibereho mibi mu buzima bwacu ijyanye n' ibitekerezo by' imihangayiko yadushyizemo.

Amangambo afite imbaraga zirema mu isi y' umwuka. Mu itangiriro 1:3 haravuga ngo “Imana iravuga iti: “habeho...ni uko hakabaho!”

Yesu yaravuze ngo “*Nuko ntimukiganyire mugira ngo tuzarya iki? Cyangwa ngo tuzanywa iki? tuzambara iki?*” Matayo 6:31

Iyo dufashe igitekerezo kibi tugatangira kucyatura, ubwo tuba twegera ibibazo nyakuri.” Ntimukiganyire mutekereza iby' ejo kuko ab' ejo baziganyira iby' ejo (umurongo wa 34).

## ***Nezererwa ubuzima***

...umurimbo utangirika w' umwuka ufite ubugwa neza [utarimo guhangayika], ni wo w' igiciro cyinshi mu maso y' Imana. *1Petero 3:4*

Kwiganyira nanone bivuga “impungenge, guhungabana, kudatuza k’umutima” Petero atubwira ko umwuka Imana yishimira ari umwuka w’amahoro atari uwo kwiganyira no kwiheba.

Iyo twihebye, nituba dutuje imbere mu mutima kandi twiyumvamo nk’aho igifu cyacu kiba kiboshye mu mapfundo. “Ikintu cyose gihinduka umuzigo kuri twe- ibyiyumviro by’amaganya birenze” ku buryo tudashobora kuruhuka no kunezererwa ubuzima nk’uko Imana ishaka.

Nkanjye nahoraga mbabaye kuko ubwana bwajye bwangijwe no gufatwa ku ngufu (nkiri muto cyane numvaga meze nk’umuntu mukuru). Kuko ntigeze mu by’ukuri mba nk’abandi bana, sinigeze menya gukora nk’abana. Bityo rero, maze kubona urugo rwanjye, no kubona abana banjye, sinamenye mu byukuri uburyo bwo kubanezererwa. Imyaka myinshi sinashoboraga kwishimira umugabo wanjye, kuko nakoraga ibishoboka byose ngo muhindure. Nahoraga ngerageza kumutunganya –no gutunganya undi muntu wese. Nabyaye abana, ariko sinabanezererwaga. Igihe cyose mbere y’uko bajya ku ishuri, nagombaga kureba ko imisatsi yabo ishokoje neza, ko imyenda yabo iteye ipasi, kandi ko impamba zabo zageze mu mpago zabo. Nakundaga abana banjye ariko sinabanezererwaga.

Nari mfite inzu nziza. Narayitunganyaga ku buryo bwose kandi ikintu cyose nkagishyira mu mwanya wacyo, ariko sinayinezererwaga. Nta n’undi wundi wishimiraga iyo nzu. Nitwayibagamo. icyo twakoraga kwari ukuyireba gusa.

Abana banjye bari bafite ibikinisho byiza, ariko ntibabyishimiraga, kuko ntatumaga babyishimira. Sinatumaga babisohora ngo babikinishe hanze. Sinari nzi icyo kunezerwa ari cyo. Uko byari bimeze kose, siniyumvishaga neza ko icyo ari ikintu kinejeje umuryango wanjye wagombaga gutunga. Naribwiraga nti “ntimukeneye kunezeza abantu, icyangonbwa ni ukugira umunsi mwiza w’akazi.” Ndibuka mbwira abana banjye ngo “Musohoke mujye gukina,” bamara kubikora nkabakurikira mbabwira ngo “muyore uyu mwanda! mutunganye ibyo bintu vuba! Ibyo mukora byose ni ukuzana umwanda gusa!”

Icyo nari nkeneye kwiga mu buzima bwanjye icyo gihe, ni uko iyo ibintu bitakorekaga nk’uko nabishakaga nagombaga kwiyumvisha ko atari ishyano riguye. Nagombaga kwiga gutuza no kwishima mu buzima. Bibiliya ivuga muri Zaburi 118:24 ngo: “uyu ni wo munsi Uwiteka yaremye turawunezererwamo.”

Mu butumwa bwiza bwa Yohana 16:33, Yesu agira ati: “Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye mu isi mugire umubabaro ariko muhumure nanesheje isi...”

Mu Bafilipi 4:4, intumwa Pawulo igira iti: “*mujye mwishimira mu Mwami iminsi yose yewe nongeye kubivuga nti mwishime.*” Ntimugakomeze ibintu, mubyoroshye gahoro, mureke Imana ikore. Mufate icyemezo cyo kuryoherwa n’ubuzima.

## ***Kuva mu bwiza ujya mu bundi***

Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'umwami tubireba nko mu ndorerwamu, mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa nawe tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza nk'ubw'Umwami w'Umwuka. *2 Korinto 3:18*

Mbese wari uzi ko igihe ufashe icyemezo cyo kwishimira ubuzima ari uko ibintu byose bigenda neza, utazigera unezerwa? Ntukore ikosa ryo gutegereza kuzishima ari uko wowe n'abo mubana bose mutunganye nta nenge. Bibilia ivuga ko wowe nanjye duhora duhindurwa mu ishusho y'Imana, tuva mu bwiza twinjira mu bundi. Ibyo ni ukuvuga ko tugomba guca mu nzego nyinshi. Tugomba kumenya kwishimira buri muni ubwiza bw'intera y'igihe turimo, mu gihe tugana ku ntera ikurikiyeho.

Tugomba kwiga kuvuga ngo: “Simpagaze aho nifuzza kuba, ariko Imana ishimwe ko ntakiri aho nahoze. Ubu ngeze hagati mu rugendo kandi nzajya nezererwa buri ntera.”

Iyo abana bacu bakiri impinja, bakora ibintu bisekeje nk'iyo baseka cyangwa bakorora. Ariko bakora ibindi bintu biteye umujinya nko kurira hagati mu gicuku, guhekenya amenyo, no guhitwa.

Tujya twisanga tuvuga ngo: “Sinjye uzabona uyu mwana arenze iki kigero ngo mbase kumunezererwa” Mbese bisa n'aho banyura muri icyo kigero hanyuma bakinjira mu gikurikira. Ku rugero bagezeho imvugo yabo iba igisekeje,

ariko baba batangiye kugenda no kujugunya ikintu cyose bafashe. Na none usanga twifuza ko bava muri icyo kigero.

Bidatinze, tubasanga mu mashuri y'inshuke ariko ugasanga tugira tuti “si jye uzabona ageze mu mwaka wa mbere ngo bajye birirwa ku ishuri umunsi wose”. Ariko iyo bageze mu mashuri abanza, dutangira kuvuga tuti sitwe tuzabona bageze mu mashuri yisumbuye. Iyo bamaze kubona impamyabumenyi turavuga ngo: “iyaba bari bakuze ngo bubake ingo zabo” Nuko umunsi umwe ibyo bikaba, ugasanga nta kigero na kimwe cy'ubuzima bwabo twigeze tunezererwa. Nyamara twahoraga dutegereje kuzanezerwa “igihe...”

Uko niko najyaga mara iminsi yo mu buzima bwanjye. Numvaga hari ikindi gihe nzishimamo. Iyo nabaga nyoboye amateraniro y'abantu mirongo itanu, naribwiraga ngo: “Nzishima mbona abantu amagana batangiye kuza mu materaniro yanjye.” icyagaragaye ni uko n'igihe uwo mubare wagezeho bitigeze binezeza.

Buri kigero tunyuzemo kizana urugero runaka rw'ibyishimo, ariko kizana n'ibibazo byacyo. icyo dusabwa ni ukwiga kwishimira mu bihe ibyo ari byo byose.

### ***Uko byaba bimeze kose mwishime***

Kuko wowe, Uwiteka wanyishimishije  
n'umurimo wakoze nzavugisha impundu  
n'imirimo y'intoki zawe. *Zaburi 92:4*

Mu myaka ishize ni bwo navumbuye irembo ry’ibyishimo biboneka mu Mana. Najyaga nishima gusa igihe Imana yankoreraga ikintu kimwe gishimishije. Ariko sinari nzi kunezerwa kubera Imana byonyine. Nari nzi gushaka ukuboko kw’Imana, ariko sinari nzi gushaka mu maso hayo mu byukuri. Ntutekereze ko uzishima kuko Imana izagusubiriza ibyifuzo biri imbere yawe gusa. Nacyo nimara kugisubiza, uzabona hari ikindi kintu ukeneye kandi wibwira ko utabasha kwishima igihe cyose utarakibona.

Ntukamare igihe mu buzima bwawe utegereje kuzishima mu gihe kiri imbere. Umunsi umwe nyuma y’uko nari maze kumenya iryo tangazo, ninjiye mu iteraniro ndimo kuririmba indirimbo yigeze kwamamara ivuga ngo: “wampaye umunezero, wampaye umunezero, nzishima kuko wampaye umunezero.” Ubwo ni bwo Umwuka Wera yambwiye ati: “Ni ubwa mbere uririmbye iyi ndirimbo neza.”

Kuko Imana yumva imitima yacu kurusha amagambo, iyo ndiririmbo yumvikanaga ukundi mu matwi yayo. Mbere, ibyo Imana yumvaga byari ibi: “ibyho wankoreye byaranejeje, ibyo wankoreye byaranejeje, nzajya nshima kuko ibyo wankoreye byose byanejeje.”

Igihe Imana yankoreraga ibyo nayisabaga narishimaga. Ariko igihe itakoraga ibyo nayishakagaho, sinishimaga. Ubwo nari mfite ubuzima buhindagurika. Byari bimeze nko gutwara imodoka ya coaster. Nari maze gucogozwa no guhora mpindagurika iminsi yose. Igihe ibihe byanjye numvaga ari byiza, nabaga ndi hejuru, naho iyo byabaga bisharira, nabaga



ndi hasi. Niba dukeneye kuba mu munezero wuzuye tugomba gushaka icyo tunezererwa tutitaye ku bihe turimo.

### ***Mwishime mutitaye ku bantu***

Mwa bakiranutsi mwe munezererwe Uwiteka [nta nkomyi]. Mwishime mwa bafite imitima itunganyye mwese mwe, ibyishimo bibatere kuvuza impundu. *Zaburi 32:11*

N'ubwo ibihe byacu byose byatunezeza, tuzabona hanyuma ko isi yuzuye abantu batatunezeza. N'iyoy tumaze guhindura abatatunezezaga, haboneka abandi na bo batatunezeza. Ni uruhererekane rutarangira. Mu murimo wacu dufite umubare w'abantu benshi bakorana natwe. N'ubwo bwose harimo abantu bamwe beza cyane bihebuje ntigeze mbona mu isi, hari ubwo bwose batanshimisha.

N'ubwo twahora iruhande rw'abantu b'abakirisitu ntibyatumunezeza igihe cyose. Uwabasha gusa kutunezeza ibihe byose ni Yesu- kandi nawe ntiyabasha kuduha ibyishimo keretse tumwemereye ko abiduha.

### ***Indwara ya Marita***

Nuko bakigenda, bajya mu kiorero umugore witwaga Marita aramwakira, amujyana iwe. Uwo yari afite mwene se witwaga Mariya yari yicaye hafi y'ibirenge by'Umwami Yesu, yumva ijambo rye. Ariko Marita [wari uhugijwe n'imirimu] yari

yahagaritswe umutima n'imirimo myinshi yo kuzimâna. Aho bigeze aramwegera aramubaza ati: “Databuja, ntibikubabaje ko mwenedata yampariye imirimo? Wamubwiye akamfasha? [akanyunganira, akagira nawe icyo akora].  
*Luka 10:38-40*

Nta n'umwe wamenye isoko y'umunezero, amahoro n'ibyishimo kurusha Mariya mwene se wa Marita. Igihe umushyitsi wabo Yesu yinjiraga mu nzu yabo, Mariya yahise yicara ku birenge bya Yesu kugira ngo abashe kumva ibintu byose yari agiye kuvuga nta na kimwe kimucitse. Yari yishimiye ko yahisemo kubasura kuri uwo munsu kandi yifuzaga kuryohereza n'umwanya wose bari bagiye kumarana. Niyo mpamvu yicaye hasi agahanga amaso ye kuri Yesu.

Hari na mukuru we Marita. Yari yamaze umunsu wose yiruka mu nzu asukura ikintu cyose, ari nako ategura amafunguro, yitegura uruzinduko rwa Yesu. (Impamvu nahisemo kubaha ishusho ya Marita ni uko nanjye ari ko nari meze).

Ikintu cyose cyagombaga kuba gitunganye igihe umushyitsi wa Marita yari kuhagerera. Noneho igihe yahagereye, yasanze Marita agicuragana mu mirimo atunganya amafunguro mu gikoni, agitunganya n'utuntu duta duta twa nyuma, two gutegura ameza.

Hanyuma Marita yarababaye maze asanga Yesu avuga amagambo menshi ngo: “Databuja, kuki utabwira murumuna wanjye Mariya guhaguruka aho yicaye ngo aze amfashe uturimo tumwe na tumwe?”

Kubera ko yizeraga ko Yesu amugirira impuhwe ndetse akamushimira imirimo yose yari yakoze, Marita yaratangaye ubwo Yesu yamubwiraga ngo: *“Marita, Marita, uriganyira wirushya muri byinshi, ariko icya ngombwa ni kimwe, kandi Mariya ahisemo umugabane mwiza atazakwa.”* Luka 10:41,42

Ndahamya ko ibintu byose byatuje muri iyo nzu nyuma y’ayo magambo y’Umukiza. Ariko ukuri ni uko Marita yari akeneye kumva ayo magambo.

Ndibuka rimwe ubwo Imana yambwiraga amagambo asa n’ayangaya. Yarambwiye iti: “Joyisi, ntushobora kuryoherwa n’ubuzima kubera ko uruhije mu buzima bwawe. 3 Kandi byari ukuri! Naremerezaga akantu k’ubusa! Ndibuka umunsi umwe ubwo nabonaga bamwe mu nshuti zacu maze mpita mbatumira ngo bazaze kudasura. Ndibuka mvuga ngo: “Kuki mutaza ku cyumweru? Tuzabakorera utugati, dukore ifiriti y’ibirayi byuzuye umufuka, n’ibikopo birimo inyama z’ingurube bizaba bihari, n’ibishyimbo birahari. Tuzakora icyayi maze twicare mu kanyatsi ko hanze, tunezererwe hamwe, cyangwa tuzakine umupira cyangwa indi mikino cyangwa ikindi kintu.”

Maze kuvuga ibi, nahise niyumvamo umunezero kubera gutekereza ibihe byiza twari tugiye kuzagira. Ninjiye mu modoka yanjye ntangira gutwara ngana mu rugo. Igihe nari ngeze mu rugo, utugati twari twahindutse nk’inyama, naho ifiriti y’ibirayi yari yahindutse salade y’ibirayi! Ibyo ari byo byose, sinifuzaga ko inshuti zanjye zimenya yuko nabasha gukora gusa “not dog” cyangwa ko ntashobora gutegura salade y’ibirayi. Ntagihe cyari gishize narafashe icyemezo cyo

kongera gutera irangi icyocyezo, kandi ko ibikoresho bishaje byo mu busitani byagombaga guhindurwa. Birumvikana ko ubusitani bwagombaga gukatwa kandi inzu yose igatunganywa neza. Ibyo ari byo byose nagombaga kugaragara neza imbere y'abashyitsi banjye.

Nyuma y'umwanya, aho gutekereza kuri ba bandi batandatu gusa natumiye, ahubwo nibuka n'abandi 14 bashobora kuzaremererwa bumvise ko natumiye ba bandi batandatu gusa, bo nkaba ntabatumiye. Uwo mwanya rero ibyari umwanya w'ubusabane, numva bimberewe umusaraba. Nagize ubwoba nk'umuntu wese.

Ni uko indwara ya Marita irushaho kunyinjiramo. Natangiye gukoropana inzu nk'umusazi no gukubuza imashini vuba cyane. Noherezaga umuntu wese hanze kuzana iki na kiriya mu bubiko. Narakariye Dave n'abana kandi nkivugisha ibintu bimeze bitya: "Siniyumvisha ukuntu nakora aka kazi kose mu rugo mu gihe abantu bose biyicariye banezerewe." Icyo gihe, Marita yari yanyiyanditse mu bitekerezo, kandi nari nzi ko ntari nahisemo umugabane mwiza nk'uko Mariya yawuhisemo.

### ***Baho mu gihe cya nonaha***

Bakundwa [n'ubwo tumeze dutya], ubu turi abana b'Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa [kurahishurwa]. Icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa, tuzasa nawe kuko tuzamureba uko ari [by'ukuri]. *1Yohana 3:2*

Mu by'ukuri, ibyemezo dufata uyu muni ni byo byerekana niba tuzanezewa n'ibihe byacu cyangwa niba tuzabipfusha ubusa twiganyira. Kubera guhagarika umutima rimwe na rimwe duhomba ibihe bya none turimo kuko duhangayikishijwe n'ejo hazaza.

Ubundi busobanuro bwo “kwiganyira” ni “ukutanezerwa no guhangayikira iby'ejo hazaza tutazi.”

Ubusobanuro Imana yampaye na bwo bugendana n'iyi mvugo. Kwiganyira biterwa no ku gerageza mu bitekerezo no mu mutima gushyikira ibintu bitari byabaho, cyangwa ibintu byarangije kubaho mu gihe cyashize.

Kimwe mu bintu dukeneye kumenya ni uko Imana ishaka ko twiga kubaho mu gihe duhagazemo uyu muni.

Urugero, mu 2 Bakorinto 6:2, haravugaga ngo: “... Dore none ni cyo gihe cyo kwemererwamo dore none ni wo muni wo gukirizwamo.” No mu Baheburayo 4:7 havugaga ngo: Uyu muni niwumva ijwi rya yo ntiwinangire umutima.

Dukwiye kwigishwa kubaho mu gihe tugezemo. Igihe kinini dupfusha umwanya wacu ubusa dutekereza ku byashize cyangwa ku bizaza. Ibi ushobora kubyumva nk'urwenya kuri wowe, ariko ndakubwiza ukuri ko nahuye n'ingorane nyinshi zitewe n'imyumvire nk'iyi mu buzima bwajye, kugeza ubwo Imana yambwiraga umuni umwe ko mporana amaganya n'umubabaro mu bihe byose ndetse n'igihe nabaga ndi kwiyozza amenyo.

Ubwo nabaga noza amenyo nabaga ntekereza ikintu gikurikiraho ngiye gukora, nabaga muri huti huti maze bigatera igifu cyanjye kwiboha amapfundo. Iyo wowe nanjye tutitangiye bihagije umurimo turimo gukora muri uwo mwanya, tuba twikururira agahinda n’umubabaro. Koza amenyo bigaragara nk’ikintu gito, ariko ndizera ko ari urugero rw’imibereho ya buri muni idutera ibibazo byinshi, ndibuka ubwo nabatizwaga bwa mbere mu mwuka wera, mu mutwe wanjye hari huzuye akavuyo ku buryo nateshwaga umutwe n’ibintu bisanzwe. Narabyukaga mu gitondo, nkajyana abana banjye batatu ku ishuri, n’umugabo wanjye nkamwohereza ku kazi nanjye ngatangira guhangana n’ibyanjye, nshaka ko bikorwa uwo muni. Ariko sinashoboraga kugira icyo ngumyaho ibitekerezo.

Nashoboraga kuba ndi mu cyumba cyo kuryamamo ndimo gutunganya uburiri, ngahita nibuka ko ntacometse imashini yoza ibikoresho byo mu gikoni. Ubwo nkihutira mu gikoni gutunganya ibyo, ngasiga igitanda ngikozeho agace gato. Ubwo naba ncometse imashini zoza ibikoresho byo mu gikoni na none nkibwira nti: “Uziko ngomba kumanuka mu nzu yo hasi gukura inyama muri firizeri”. Ubwo nabaga ndi muri ibyo, nabonaga imyenda irundaniye, ngahitamo guhagarika ibyo ndimo nkayijyana mu mashini imesa. Nagerayo, ngahita ntekereza ko hari uwo nagombaga gutelefona. Ubwo nkazamuka niruka kujya gukora uwo murimo. Hagati muri urwo rusobe rwo kwiruka n’akayubi, nashoboraga kwibuka ko ngomba kujya ku iposita gutora amafagitire batwoherereje. Ubwo nkaba ndirutse. Igihe umuni wabaga urangiye, nabaga

mfite umwanda ukabije kurusha uko natangiye meze. Ubwo kandi ikintu cyose nabaga nagikozeho igice, ubwo nabaga mfite ipfunwe kandi naniwe bitavugwa. Kuki? Kuko ntigeze nitangira byimazeyo umurimo umwe.

### ***Umunsi wose n'ibyawo***

Muri Yohana 8:58, Yesu yivuzeho ati “Ndiho 3 Niba wowe nanjye nk’abigishwa be dukomeje gushaka kubaho mu bihe byashize cyangwa ibihe bizaza gusa, tuzagira ubuzima bukomeye, kuko Yesu we abaho mu gihe cya none. Niyo mpamvu atwigisha kudahangayikira iby’ejo hashize cyangwa ibyashize cyangwa iby’ejo hazaza. Iyo dushatse kubaho mu ibihe byashize cyangwa ibizaza, ubuzima buzatubera umuzigo. Ariko nitubaho mu mwanya duhagazemo, tuzabona Imana iri kumwe natwe. Bidatwe n’ibihe ubuzima butujyanamo, Imana yarahiye kutazadusiga cyangwa kudukubana ahubwo izabana natwe buri gihe kandi idufashe, (Abaheburayo 13:5, Matayo 28:20). Iyo twiyeguriye ikintu kimwe mu gihe kimwe duhagazemo ntibifitanye isano n’ imbaraga z’umubiri gusa dushoramo, ahubwo bifitanye isano n’ubwenge bwacu n’ibyiyumviro byacu. Nk’urugero, dushobora kuboneka ku bw’umubiri duhagaze mu mwanya umwe ariko dufitanye ikiganiro mu mutima n’undi muntu uri ahandi hantu.

### ***Ikintu kimwe gusa mu gihe kimwe***

...ujye urinda ikirenge cyawe [wite kubyo uri gukora]. *Umubwiriza: 5:1*

Uzi impanvu tutitangira ikintu kimwe? Ni uko tuba duhangayikishijwe no gusingira ikindi gikurikira. Dukwiriye gukurikiza iby’umubwiriza yatubwiye gukora- gushyira umutima wacu ku cyo werekejeho amaboko uyu mwanya – igihe tutazagenda dutyo, ntituzabona urufatiro rwo gushingaho cyangwa gutuza mu buzima, kandi ibyo dukora byose bizabura agaciro. Tugomba gufata icyemezo cyo kubaho mu gihe tugezemo, atari mu gihe cyashize cyangwa mu gihe kizaza. Kuko kuba mu by’ejo hashize cyangwa gusingira iby’ejo hazaza, aho kwishimira umwanya tugezemo, bituma dutakaza amavuta aba yagenewe umurimo w’uwo muni. Tugomba kwita ku bintu byagenewe umunsi umwe kuko iyo niyo nzira yonyine yatuma tugera aho turimo kujya.

Tubaho mu isi ishaka ibintu by’ako kanya ku buryo twifuza uwaturamburiraho igitambaro cya maji maze ibintu byose bikabaho. Nyamara ibintu si ko bigenda. Guhinduka biza umunsi ku wundi.

### ***Umunsi umwe igihe kimwe***

Ntimukiganyire mutekereza iby’ejo, kuko ab’ejo baziganyira iby’ejo. Umunsi wose ukwiranye n’ibibi byawo. *Matayo 6:34*

Iyo dutekereje ku kintu gikurikira, bidukururira umutwaro utari ngombwa. Iyo tugarutse mu mwanya wacu wa nonaha, dushobora kutamenya ibyabayeho mu gihe tutari duhari mu buryo bw’ibitekerezo.



Ni cyo gituma umwanzi ahora agerageza gutwara imitima yacu akatujyana ahandi hantu. Ashaka ko tubura ku byo twari twemerewe muri uyu mwanya duhagazemo.

Ndibuka umunsi umwe ubwo nari narakariye umugabo wanjye ku kintu yari yakoze. Muri icyo munsi nashoboraga kumera nk'umusazi kandi nkaguma gutyo iminsi myinshi. Nyuma Dave yaje kumbwira ijambo ryanteye gutekereza cyane: “ntibyaba ari akaga Yesu aje uyu mugoroba agasanga wirije umunsi wawe wanyuma mu isi umeze utya?” Iryo jambo ryanteye gutekereza.

Wowe nanjye ntitugomba kwiganyira iby'ejo hazaza igihe dufite ibyo tugomba gukora muri uyu munsi. N'ubwo twagerageza gukemura ibibazo byose dufite uyu munsi ejo tuzaba dufite ibindi byinshi, birusheho kuba byinshi ejo bundi.

Byatumarira iki kwiganyira kandi tuzi ko nta kibazo byakemura? Kuki twakwiganyira iby'ejo byashize cyangwa iby'ejo tutarashyikira? Baho uyu mwanya mu buryo bwo kwizera. Ntutinye kandi ntiwiganyire.



## **IBITEKEREZO BY'IMANA BISUMBA IBY'ABANTU**

Ujya ugerageza kwicira inzira ku kintu cyose? Benshi muri twe bamaze kugwa muri urwo rwobo. Aho kwikoreza Imana amaganya yacu tubaho mu buzima duhangayikishijwe n'akantu kose.

Iyo tugerageje kwikemurira ikintu cyose, tuba tuzamuye ibitekerezo byacu bigasumba iby'Imana n'imigambi yayo ku buzima bwacu. Tuba dushyize inzira zacu hejuru y'izayo.

2 Abakorinto 10:5, haratubwira ko tugomba gufata mpiri ibitekerezwa mu mitima ngo tubigomorere Kristo... icyapa cya gatatu cyitwa "ikoreze Imana amaganya yawe yose".

Nidukora dutyo, tuzarekeraho kwicira inzira ku bintu byose, ahubwo twige kwerekeza ibyifuzo byacu byose ku Mana no kwinjira mu buruhukiro bwayo.

### ***Injira mu buruhukiro bw'Imana***

Naho twebwe ubwo twizeye [tukaba twiringiye, twizigiye Imana] twinjira muri ubwo buruhukiro ... *Abaheburayo 4:3*

Uyu murongo urerekeza ku bwoko bwa Isirayeli. Mu gihe binjiraga mu gihugu cy'i Kanani aho gukomeza kuzerera mu butayu.

Dushobora ariko kuwukoresha no ku buzima bwacu: niba tutarimo kuruhuka; ni ukuvuga ko tutizeye ngo twiringire by'ukuri; kuko imbuto yo kwizera no kwiringira ari uburuhukiro.

Mu Migani 3:5 turabwirwa ngo: "Wiringire Uwitika n'umutima wawe wose we kwishingikiriza ku buhanga bwawe" Mu yandi magambo turabwirwa ngo "Mwizere Imana kandi ntikumukagerageze kwiyumvisha ibintu byose muhereye ku byo murebeshya amaso", Ntabwo havugaga ngo mwiringire Imana munagerageza kwicira inzira. Naje kuvumbura ko ku munwa nabwiraga Imana ko nyizera, ariko mu mutima wanjye nageragezaga kwicira inzira ku kintu cyose. Imigani 3:5 hatubwiraga kwizera Imana n'umutima wacu wose n'ubwenge bwacu bwose. Ibyo ni ukuvuga ko tugomba kureka intekerezo zikabije.

### ***Gutekereza kunyuranye n'ukuri***

Ariko rero mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka [mudashukwa no gutekereza ibibusanye n'ukuri]. *Yakobo 1:22*

Ubwo Imana yampishuriye ko ngomba kurekeraho intekerezo zirenze, Ntibyari binyoroheye, kuko aribyo nari menyeraye. Sinashoboraga kubuyihanganira iyo ntasobanukirwaga ikintu cyose.

Nk'urugero, hari ibintu Imana yadutegetse gukora mu murimo wacu hashize imyaka myinshi kandi sinari mfite

n'agatekerezo na gato k'uburyo nabikora. Kimwe muri ibyo bintu kwari ukuvugira kuri televiziyo buri muni. Birumvikana ko ibyo byasabaga imbaraga mu buryo bw'akazi n'umutungo byikubye inshuro eshanu. Byasabaga abandi bakozi n'umwanya wo gukorera. Ariko Imana ntiyanyemereye kwiyumvisha neza uko nzarangiza ikintu cyose yansabaga gukora. Yansabye kuyishaka, aho gushakisha igisubizo cy'ibibazo byanjye ahubwo nkumvira ibyo yansabaga gukora.

Sinari nzi aho nakura amafaranga yo gukoresha imirimo yose Imana yadusabaga gukora, cyangwa ahantu ho gukorera cyangwa abakozi. Ariko nari naramenyereye imikorere y'Imana ko niba niyemeje kuguma mu gicucu cy'amababa yayo, nkayirama kandi nkayihimbaza ngakora imirimo nshinzwe, ariko nkayikoreza amaganya yanjye, izatuma ibintu byose bibaho mu buryo buhwanye n'ubushake bwa yo n'umugambi wayo.

Uruhare rwanjye nk'inshingano ni ugukora ibyo inyereka gukora. icyo insaba gusa ni ukuvuga ngo "Ngiye gutangira intambwe za mbere, Mana, njye ndizera ko uzatanga ibikenewe." Ariko ndaguhamiriza ko Imana idateze kunsaba guhangayika no kugerageza kwiyumvisha uburyo izakora ikintu cyose inyobora gukora. Iyo duhangayitse dutakaza amahoro yacu kandi iyo tugerageje kwiyumvisha iby'Imana turavangirwa ntitubyumve neza. Kuguma mu mahoro ni ukwibera muni y'igicucu cy'Ishoborabyose.

Umuni umwe nabajije Imana nti: "Kuki twese tujya tuvangirwa cyane?" Iransubiza iti: "nimuhagarika kwicira inzira kuri buri kintu, nibwo mutazongera kuvangirwa.

Aho kuvangirwa bitangiririra ni icyapa kituburira ko tugiye kugera ku ikoni ribi ritujyana mu kaga. Kuvangirwa, gucanganyikirwa ni ingaruka zo gutekereza dukoresheje ubwenge bwacu bwite aho kwiringira Imana n'umutima wacu wose, kugira ngo iducire inzira mu buryo buhujwe n'umugambi wayo. Iyo twemeye ko ibitekerezo by'Imana bisumba ibyacu dushobora guhagarika ivangirwa ritaratangira.

### ***Ibiganiro bidashira***

Ntimuzahagarike umutima w'icyo muzireguza [mbere yuko musabwa kwisobanura] cyangwa w'ibyho muzavuga, kuko Umwuka Wera azabigisha ibyho muzaba mukwiye kuvuga muri uwo mwanya. *Luka 12:11,12*

Rimwe na rimwe usanga dushaka kumenya mbere y'igihe icyo tugomba gukora, hari n'igihe aba ari icyo tugomba kuvuga. Mu rugo ushobora kuba ushaka kuganira n'uwo mwashakanye ku bibazo runaka bibareba mwembi. Ku kazi ushobora kuba ukeneye gusaba umukoresha wawe kukongerera umushahara, cyangwa kwihanangiriza umukozi umusaba ibisobanuro ku myitwarire mibi yagize mu kazi. Uko ibihe byaba bikumereye kuri ubu, ushobora kuzura umubabaro.

Kuki utahitamo gufata icyemezo cyo kwizera Imana aho gutegura no kwitoza ibisubizo mu mutwe wawe? Kuki utakwizera Imana gusa ngo igufashe kunesha ibihe bigushyizwe imbere aho guta igihe wicira inzira y'uburyo uza kwisobanura? Ushobora kwifuza kugira igitekerezo cy'ingenzi cy'ibyho uza

kuvuga, ariko bigomba kuba ku gipimo. Uramutse ukabije ugakomeza kubiganirira mu mutwe wawe menya ko icyo ari ikimenyetso ko udakoreshwa n'amavuta y'Imana, ahubwo wikoresha ubwawe kandi ugiye gutsindwa.

Wari uzi ko wowe nanjye dushobora kuvuga amagambo make turi mu mavuta y'Imana maze akazana amahoro n'ubwumvikane, nyamara twavuga amagambo magana abiri avuye mu bitekerezo byacu (mu mubiri) agatera umuvurungano no kuvangirwa?

Rimwe na rimwe twiyangiriza ubwonko tugerageza kwikemurira ikibazo kitugoye. Iyo twibwiye ko twamaze gufata icyemezo cy'icyo tugiye gukora, intekerezo z'urudubi zihita zisimbukira mu mitwe yacu: "Yego, ari ko se none...?" Ibyo bituma tuvangirwa kurusha uko twari turi mbere.

Ndibuka ijoro rimwe ndyanye mu buriri. Ariko mpanganye mu bitekerezo n'ibihe byari bindemereye bitatumaga mbasha kuruhuka. Ubwo naje kwisanga muri bene ibyo biganiri bidashira nibaza ngo: "Nimvuga ntya, bazavuga batya. Nibigenda bitya nzababara cyane! None nzabigenza nte?"

Nari nzi ko nagombaga kuvugana ibintu bitari byiza n'abantu bamwe ntifuzaga gukomeretsa kandi nari nzi ko bitoroshye. N'ubwo bwose ariko ntashakaga kurakaranya n'abo byarebaga, nanjye sinashakaga kwirengagiza inshingano zanjye ngo nezeze abantu (Abefeso 6:6 n'Abakolosayi 3:2). Nashakaga umwuka w'amahoro no kwizerana muri icyo kibazo.

Amahoro y'Imana ahoraho iteka-ariko ni twebwe tugomba kuyahitamo. Tugomba guhitamo guhagarara ku bushyuhe bw'uruzuba - maze tugatutubikana, tukaba abanyabibazo tukicwa n'umwuma - cyangwa guhitamo amahumbezi, ubwugamo bwiza bw'amahoro y'Imana.

### ***Imigambi y'Imana ku bantu ni myiza***

Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira. Ni amahoro si ibibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga.  
*Yeremiya 29:11*

Kubera umwuka wo guhohoterwa nakuriyemo nagombaga mbere yo kubumbura umunwa ngo nvuge ikintu, kwemeza ko icyo ngiye kuvuga ari ukuri; numvaga mfite ubwoba ko mvuze ibitari byo nabizira.

Namaze igihe kinini mu buzima bwanjye ngomba gutekereza cyane mu mutwe ku ngingo z'ibiganiro, kugira ngo nemeze ko ibyo ngiye kuvuga byose ari ukuri. Birumvikana ko byageze aho umutima wanjye ugafata akamenyero ko gutekereza nabi ndetse no mu buryo bwo kwirwanirira.

Kubera umutekano muke nabagamo n'ubwoba bwo kumva nanzwe, nashoboraga kumara iminsi myinshi ngerageza kwiyumvisha nk'impanuro nabaga nahawe n'umuntu ariko ntampe ubusanuro kuri zo. Imana ntishaka ko dukoresha ubwenge bwacu muri ubwo buryo. Ibyo ni uguta igihe cyacu. Data wo mu ijuru afite umugambi ku buzima bwacu.



Ibitekerezo bye biruta ibitekerezo byacu kandi inzira ze zirenze inzira zacu. (Yesaya 55:8, 9) Ari wowe ari nanjye ntitwatahura ibyayo.

Maze imyaka myinshi muri urwo rugamba, nageze aho mbwira Imana nti: "Mfite kibazo ki?" Imana yambwiye ikintu kimwe cyahinduye ubuzima bwanjye. Yarambwiye ngo: "Joyisi, kubera uburyo warezwemo, ubwoba bugaragara cyane mu mitekerereze yawe." Birumvikana ko Imana yari yarakoranye nanjye uherye igihe nuzuraga Umwuka Wera, kugira ngo irandure umwuka w'ubwoba muri njye. N'ubwo bwose hari intambwe nari maze kugeraho, nasobanukiwe ko hari hakiri inzira ndende muri urwo rugamba.

Uretse ibyo byose ariko Imana yarambwiye ngo: "Joyisi, ikintu cyose kigiye kukubera cyiza." Ikimbwira ityo, byambereye nko guhembuka. Byanyibukije amagambo nakundaga kuvuga mbwira abana banjye ubwo banzagaho bababaye kandi barira; "Muhumure! Mama arakemura ikibazo cyose, byose biraba byiza." N'ubwo ubwo butumwa bwose bwari bworoheje, nagiye mbwiyibutsa inshuro zitabarika. Ndbuka rimwe by'umwihariko, ubwo njye n'abo dukorana umurimo w'Imana twateguraga amahugurwa. N'ubwo bwose twari twamaze gutumiza udupapuro twari gukoresha mu mahugurwa, twari twiteguye kugeza ku munsu wa nyuma. Ubwo twahamagaraga sosiyete twari twahaye isoko, batubwiye ko impapuro zisaba kugura zari zatakaye. N'ubwo twari twarohereje impapuro mbere y'igihe, iki gihe ho twari twakererewe, twagombaga kuzohereza mu buryo bwihuta.

Umunsi ukurikira uwo kutwohereza, na none ntitwaje. Aho kugira ngo nemerere izo ngorane kumfata umwanya mu bitekerezo naravuze gusa nti: "Byose biratungana."

Kandi koko igihe nageraga mu rugo, abakozi bo mu biro barampamagaye bambwira ko burya namaze kuva mu biro utwo dupapuro tugahita tuhagera.

### ***Kongera kwizera***

...ahubwo twishimira no mu makuba yacu kuko tuzi yuko amakuba atera kwihangana, kandi kwihangana kugatera kunesha ibitugerageza, uko kunesha kugatera ibyiringiro. *Abaroma 5:3-4*

Ni inshuro zingahe wibujije umutekano ukitesha umutwe mu busa bitewe n'utubazo nk'utwo? Ni imyaka ingahe mu buzima bwawe wagiye uvuga ngo: "nizeye Imana - niringiye Imana" Nyamara mu by'ukuri ibyo wari urimo byose byari uguhagarika umutima, kuvuga nabi no kwicira inzira ku kintu cyose?

Ushobora kuba waribwiraga ko wizera Imana kuko wavugaga uti: "Nizera Imana", ariko muri wowe warishwe n'agahinda n'ubwoba. Waba waragerageje kwiga kwiringira Imana ariko wari utarabigeraho neza.

Navuga se ko kongera kwizera ari ukuvuga gusa ngo "Ntuhagarike umutima, byose bizaba byiza?" Oya. Si ibyo navuze. Kwizera no kwiringira bigenda byiyongera uko igihe

kigenda gishira. Kenshi bisaba igihe kugira ngo utsinde umuco w'amaganya, impagarara n'ubwoba bwabaye karande mu muntu. Umuco w' uburakari n'agahinda. Ni yo mpamvu ari ngombwa kwirundurira mu Mana. Nturambirwe ngo ubivemo rwose kuko uzabigiramo inararibonye n'imbaraga mu buryo bw'umwuka ku ntambwe ugezeho. Igihe cyose uzajya wigizwa imbere mu mbaraga kurusha aho wahoze mbere. Kera kabaye, iyo wihanganye ugera ku rwego umubi uakigutinyuka, aho Satani atakigushoboye.

### ***Imana yonyine niyo ishobora gufasha by'ukuri***

Ni wowe wamvukishije, wanyiringirishaga nkiri ku ibere rya mama. Ni wowe naragijwe uherye mu ivuka ryanjye, uri Imana yanjye uherye igihe naviriye mu nda ya mama. Ntumbe kure kuko amakuba ari bugufi, kandi ari nta mutabazi. *Zaburi 22:10-12*

Nagendanye n'Imana igihe kirekire kugeza ubu. Bityo mfite inararibonye inyuma yanjye kandi nanyuze no mu bikomeye byinshi. Ariko sinigeze nibagirwa imyaka myinshi Satani yantegekaga agakinisha ubuzima bwanjye. Ndibuka amajoro najyaga ndara nzenguruka mu cyumba ndira, numva bindenze.

Ndibuka nirukira inshuti zanjye n'abandi numvaga ko hari ubufasha bashobora kumpa. Nyuma ariko naje kumenya ubwenge ndeka uko kwiruka mu bantu -atari uko ntabakunze cyangwa ntabizeye, ahubwo ari uko namenye ko nta kintu bamfasha koko, keretse Imana yonyine.

Numvise umuntu umwe avuga ngo: "Niba abantu bashobora kugufasha, nta kibazo na kimwe wagira mu by'ukuri." Najyaga ndakarira umugabo wanjye kubera ko igihe yajyaga agira ikibazo cyangwa yabaga yinjiye mu bihe bikomeye nta kintu na kimwe yambwiraga.

Nyamara nyuma mu byumweru bibiri cyangwa bitatu amaze gutsinda ikigeragezo, ni bwo yavugaga ati: "nanyuze mu bihe bikaze koko mu byumweru bishize!"

Mbere y'uko arangiza kuvuga, naramubazaga nti: "None se ko utabimbwiye?" Uzi uko yansubizaga? ngo "Nari nzi ko ntacyo wamfasha, niyo mpamvu nta n'icyo nagusabye."

Sinshaka kuvuga ko ari bibi kubwira inshuti cyangwa umuntu wizera ibibazo ufite mu buzima, ariko Dave yamenye ukuri nashakaga gushyira mu bikorwa mu buzima bwanjye. Hariho ibihe Imana yonyine ari yo ishobora gufasha. N'ubwo bwose numvaga nshaka gufasha umugabo wanjye, sinari kubishobora. Imana yonyine niyo yashoboraga kubimukorera kandi na we yashakaga kuyegera. Hari ubwo Imana yambwiye ko dukeneye kwiga kubabara twenyine. Umwe mu mirongo ya Bibiliya Imana yampaye ku bw'iri somo, uri muri Yesaya 53:7 "Yararenganye ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanwa ke ..."

Nugera mu rwego runaka rwo kugendana n'Imana yawe, iri ni rimwe mu mategeko y'ingenzi rituma wunguka izindi ntege zidasanzwe mu Mana.

## **Ikoreze Imana amaganya yawe yose**

Muyikoreze amaganya yanyu yose kuko yita  
kuri mwe. *1 Petero 5:7*

Mu rugendo rwanjye mu Mana nifuzaga kugera ku rugero numva nshikamyeye, ntahagaritse umutima kandi ntibaza ibibazo byinshi bindenze, ahubwo nikoreje Imana amaganya yanjye yose. Umugabo wanjye afite impano idasanzwe muri uru rwego, yabanye n'Imana bihagije kandi mu gihe cy'iminsi myinshi Imana yamuhaye umwuka w'amahoro n'umutuzo. Ni ikintu cyiza kuko nari umunyempagarara ku buryo icyo twembi tuba tumaze nkanjye byajyaga kutugora.

Ni njye wari ushinze umutungo w'urugo kandi ni njye wishyuraga za fagitire zose. Buri kwezi nafataga imashini yo kubara ngatangira guteranya amafaranga ari ku mafagitire. Ibyo nabikoranye guhagarika umutima gukabije, nibaza uko tuzishyura ibyo bifaranga byose.

Ubwo Dave we yabaga yibereye mu cyumba cy'uruganiriro yikinira n'abana.

Babaga barimo kuzinga umusatsi we, bamwigaragura ku mugongo, ari nako bareba televiziyo nabumvaga baseka bafite ibihe byiza. Uwo mwanya umushiha ukanfata nkarakarira Dave kuko yari yifitiye ibihe byiza naho njye nkaba mpangayitse. Ariko uko ni ko bigenda. Iyo dufite ibibazo, turakarira umuntu wese udafatanije natwe ibibazo. Nasohokaga mu gikoni nkoma amashyi mvuga nti: "Oh! Mana nziza, ndakwizeye, nzi neza ko uzadufasha kurangiza ukwezi."

Navigaga amagambo y'ukuri ariko mfite ubwoba kandi nuzuye ibibazo. Impera z'ukwezi zarageraga kandi rwose Imana yakoraga ibitangaza mu by'ubutunzi bwacu. Ubwo birumvikana ko hakurikiragaho ukundi kwezi ko guhangayikira. N'ubwo bwose nari nzi ko twari duhagaze mu bushake bw'Imana, sinaburaga guhora mpangayitse.

Kwizera Imana ni kimwe mu bintu tugomba kugiramo ubuhamya bwacu. Ntibikomoka ku kujya mu masengesho cyane cyangwa kurambikwaho ibiganza (gusengerwa), si ikintu undi muntu yaguteramo. Tugomba kugihabwa ubwacu nyuma y'igihe runaka.

## ***Takira Imana***

Mwami, mbabarira, kuko ari wowe ntakira umunsi ukira. *Zaburi 86:3*

Ariko si ku mafaranga gusa nagombaga kwiga kwizera Imana. Habayeho ibihe mu buzima nababajwe cyane ku buryo naryamye hasi mu biro byanjye, maze nkagundira amaguru y'ameza ngo ntavaho mva imbere y'Imana. Najyaga nipfuka mu maso nkayitabaza cyane nti: "Mana ugomba kuntabara. Niba nta kintu ukoze, sinzongera kubyihanganira ukundi."

Ni mu bihe byo kwiheba nk'ibyho tumenya Imana neza. Mu by'ukuri, kuririra Imana nk'umwana muto no kwemera kubeshwaho na yo bitanga ubuzima. Iyo dutabaza Imana ntituba twitaye ku buryo ijwi ryacu risohoka cyangwa uko dusa neza. Nzi neza ko habayeho ibihe mu buzima bwanjye nagaragaraga

nk'ikigoryi ubwo nabaga ntakambira Imana, ariko narakomezaga nkabikora uko byamera kose.

### ***Uragana mu kihe cyerekezo?***

... kuko uko ndi kose nize kunyurwa n'ibyo mfite [Ndanyurwa, ku bw'ibyo simbure amahoro cyangwa ngo mvuze induru uko naba ndi kose].  
*Abafiripi 4:11*

Ntugacike intege niba utari mu mwanya wagombye kuba urimo. Bisaba igihe n'inararibonye kugira ngo umenye kwikoreza Imana amaganya yawe yose no kuguma muni y'igicucu cya Yo, mu bwihisho.

Ikibazo si iki ngo: "Uri he ubungubu?" Ahubwo ikibazo ni iki, ngo "Urerekera he?"

Mbese urimo uriga? Wifuza guhinduka? Wagukiye gukura? No kuba urimo gusoma iki gitabo uyu mwanya ni ikimenyetso cy'uko ufite gahunda ihamyeye yo gushaka kunesha ubwoba, amaganya n'umutekano muke. Noneho ubu icyo ukeneye ni ukugira akamenyero ko kwikoreza Uwiteka amaganya yawe yose kugira ngo wirinde intekerezo zidafite umumaro.

### ***Uzuza inshingano zawe ariko uyikoreze amaganya yawe***

Imirimo yawe yose uyiharire Uwiteka [hatagize n'umwe uvamo, yimwegurire mu

kwizera, bizatuma yishimira intekerezo zawe], niho imigambi yawe izakomezwa. *Imigani 16:3*

Ndakeka ko impamvu yatumaga mara igihe ngerageza kwirwanirira ku kintu cyose ari.

Uko mu buzima bwanjye natinyaga gutsindwa. Nakunze kuba umuntu wubahiriza inshingano ze, kandi nifuzaga ko ibintu byose byagenda neza. Ariko ku nshingano nabaga mfite, hiyongereyeho n'impungenge.

Imana ishaka ko twuzuzira inshingano zacu, ariko tukayikoreza amaganya yacu. Kuki ishaka ko tuyikoreza amaganya yacu? Kubera ko itwitaho.

Sinzi ibikwerekeye, ariko namaze imyaka myinshi y'ubuzima bwanjye nibabarisha impagarara n'amaganya, ngerageza gukemura ibabazo bitandeba. Ingaruka ni uko napfushije ubusa imyaka imwe y'ubuzima bwanjye. Niba ushaka koko kugira ipfunwe, ujye uhora uagenda ugerageza gukora ibyo udashobye. Nubikora, bizagutera ipfunwe mu buryo butakwihanganirwa.

## ***Oh, ntacyo!***

Reka umujinya, va mu burakari, ntuhagarike umutima kuko ibyo bizana gukora ibyaha gusa.

Igihe cyose ngeze mu bihe ntafite icyo nakoraho, nabonye ko uburyo bwiza bwo kwikoreza Uwitaka amaganya yanjye ari ukuvuga gusa ngo: "oh, ntacyo!"



Dufate uregero, nk'igitondo kimwe ubwo Dave yakandaga indimu turi mu modoka, maze agatobe gake kakangwa ku mupira nari nambaye. Uwo mwanya yahise avuga ati: "Satani, ibyo ntibinkanze." Nanjye ndavuga nti "oh, ntacyo!" ubwo icyo kibazo cyari gisubijwe nuko dukomeza gahunda isigaye y'umunsi. Hari ibintu bitagombye kudutera guhangayika ariko abantu benshi barabyitwaza. Ikibabaje ni uko umubare munini w'abakirisito bahangayika kandi bakuzura amaganya igihe kinini.

Si ibintu biremereye bibashyikaho, ahubwo ni utuntu duto duto twijugunya muri za gahunda zabo. Aho gutura Imana imibabaro yabo, ngo bavuge bati "ntacyo" bagerageza kugira icyo bakora ku kintu badashobora kugira icyo bakoraho! Mu bihe byinshi binyuranye iyi nteruro yaramfashije "oh ntacyo!"

Umunsi umwe umuhungu wacu Daniyeli yakoze agakosa ku mpera y'inyandiko yari arimo gukoreraho umukoro wo mu rugo. Byatumye asibasiba inyandiko ye ku buryo byamusabye gutangira bundi bushya. icyakurikiyeho ni uko yabaye nk'umusazi, akarakara ku buryo yashatse kubireka byose. Ubwo njyewe na se twatangiye gukorana nawe tumubwira tuti: "oh, ntacyo!" byaramufashije. Nyuma y'ibyo ubwo yari ashatse kureka uwo mukoro wose twaramubwiye tuti: "Danye bite?", na we arasubiza ngo "oh nta cyo!" Ubwo yasubiye inyuma byose abisubiramo kandi arabikora arabyuzuzanya neza.

## ***Mutuze!***

Mwirinde ibisindisha, mube maso *1Petero 5:8*

Rimwe na rimwe iyo turi mu bigeragezo, amaganya yacu, abyitereramo ngo atubuze gukora icyo tugomba gukora. Icyo dushobora gukora gusa ni ukugerageza uko dushoboye ibisigaye tukizera Imana ikabikora. Dukora neza iyo imitima yacu ituje, idahangayitse. Iyo umutima wacu utuje, nta bwoba, impagarara cyangwa agahinda uba ufite. Iyo umutima utuje, tuba dushobora kureba ikibazo cyose kirenze, tugahitamo icyo twagikoraho cyangwa icyo tutagikoraho.

Aho abenshi muri twe baturira n'ingorane ni igihe tudahamye mu rugero rukwiye. Icyo gihe dushobora kutagira ikintu na kimwe dukora, dutegereje ko Imana idukorerera byose, cyangwa tugakora bikabije, kenshi dukorerera mu mubiri.

Imana ishaka ko duhagarara mu rwego rukwiye kugira ngo tubashe guhangana n'ibibazo byose duhura na byo mu buzima, maze tukavuga tuti: "Ni byo, nshobora gukora ibintu bike gusa kuri iki kibazo, ariko sindenze aha."

Ibingibi bibaho ku bantu benshi igihe cy'imisoro. Dukeka ko tuba twishyuye amafaranga menshi bihagije mu mwaka ku bw'itegeko ry'umusoro ritureba. Nyamara nyuma dusanga hari ayandi mafaranga dusabwa. Dusanga igihe ari gito natwe tukibaza aho tuzakura amafaranga yose Leta iba idusaba.

Aho kumva dutaye umutwe no kuzura ubwoba no guhangayika, dukeneye kwegera Imana tuvuga tuti: "Mana ni wowe nizeye ko wamfasha muri ibi bibazo, ariko se hari ikintu ushaka ko nkora?" Imana ishobora kutwemerera gukora akazi k'amasaha make mu gihe runaka kugira ngo tubone amafaranga

yo kwishyura imisoro ya Leta. Ishobora kandi kutwerekana uburyo twaguzaga amafaranga n'uburyo twabasha kuyishyura vuba. Ikintu cyose Imana itweretse gukora ku kibazo dufite, tugomba kugira umwete n'ingoga mu kugikora. Nyuma kandi tugomba kuyiringira ku bw'umugaruro uzaboneka.

Rimwe na rimwe dukeka ko tutarimo gukora ibihagije, ngo dukemure ibibazo byacu. Ariko iyo twihuse tudasabye Imana ngo ituyobore tuba dukorera mu mubiri kandi imbaraga zacu zose zizaba zibaye imfabusa. Hari ibihe biba ngombwa ngo dufate icyemezo cyo kuruhuka n'ubwo mu mutima wacu habamo ibibazo bikubaza ngo "Ubwo ugiye kugira ute?" Tugomba kwiringira ko Imana dukorera itadusaba gukora ibirenze ibyo tuzi uburyo bwo gukora. Iyo twakoze ibyo tuzi gukora, dushobora kwizera Imana igakora ibisigaye. Ibyo ni byo nise kwizera no gutuza.

## ***Umuntu wizera kandi utuje***

[kubwo] Kwizera ni ko kwatumye Aburahamu yumvira Imana imuhamagariye kujya aho yari agiye kuragwa, nuko agenda atazi aho aya.  
*Abaheburayo 11:8*

Aburahamu yari umugabo wizera kandi utuje. Tekereza umwanya ku bya mubayeho. Mu kwizera Imana Aburahamu yasize umuryango we, inshuti ze, n'inzu ye, afata urugendo atazi aho ruzaherera. Ndahamya ko kuri buri ntambwe yateraga Satani yasakurizaga mu mutima we ngo: "wa gicucu we uratekereza ko ugiye he? Urabigenza ute ijoro nirigwa?"

Uraryana he? Urarya iki? Yooo, Aburhamu urakora iki aho? Ni iki kikwereka ko iryo ari jwi ry'Imana wumvise? Hari undi muntu wigeze kumva Imana ibwira gukora ibyo?"

### ***Ntimukiruhirize umutima***

Arababwira ati: "Ikibahagaritse imitima ni iki ..."

*Luka 24:38*

N'ubwo bwose Satani yari arimo kumukoba, Aburhamu yakomeje imbere. Bibiliya iravuga ngo n'ubwo atari azi aho yerekezaga ntiyigeze ahagarika umutim kubw'ibyo (Abaheburayo 11: 8). Hari igihe twivuna mu bitekerezo twebwe ubwacu! Hari abantu bamwe muri twe bakunda guhangayika cyane ndetse n'iyi Satani ataduha ikintu kidutera imihangayiko, bakicukumburira! Reka dutekereze ku mutima wacu uyu mwanya. Umutima wacu wemerewe kuba wuzuyemo ibiki? Wagombye kuba wuzuye amashimwe, wuzuye ijambo ry'Imana, wuzuye guhugura, kwigisha, wuzuye ibyiringiro kandi wuzuye kwizera.

Reka turebe muri make urutonde rw'intekerezo twirirwana umunsi ukira. Birababaje kubivuga ariko benshi muri twebwe bakwemera ko imitima yacu yuzuye amaganya, ubusharire, ubwoba, kwirwanirira, gukora za gahunda, igenamigambi, amagambo adafite ibikorwa, gushidikanya, amaganya no kudatuza.

Icyo dusaruramo ni uko zimwe muri za "vitensi" [vitesse] zo kwizera ko mu mitima yacu zigwa umugese. Tugomba

gukuramo uwo mugese maze tugashyira amavuta muri "vitensi" zo kwizera dukoresheje amavuta y'umwuka wera- n'ubwo byaba bikomeye, kubera ko izo "vitensi" zo kwizera zononekaye kubera ko hashize igihe kinini zidakoreshejwe.

Nka Aburahamu, tugomba kugendera mu kwizera tugakora ibyo dushoboye, ibisigaye tukizera Imana ikabikora ntitwivune mu mutima. Tugomba "vitensi" mu kwizera kwacu, ariko tukareka imitima yacu ikaruhuka. Wikwangiza ubuzima bwawe. Menya inshingano zawe n'izitari inshingano zawe. Menya gukora ibyo washobora, icyo Imana igutegerejeho gukora, ibindi ubirekere Imana. Uzuza inshingano zawe ibindi ubiharire Imana.



## UMWANZURO

Umurongo wa 2 wa Zaburi ya 91 utanga ubutumwa bumwe n'umurongo wa 1 twasuzumye mbere. Muri Zaburi 91:1,2 haravuga ngo: "Uba mu rwihisho rw'Isumbabyose, azahama mu gicucu cy'Ishoborabyose. Ndabwira Uwiteka nti: "Uri ubuhungiro bwanjye n'igihome kinkingira, Imana yanjye niringira."

### ***Ubuhungiro bwacu n'igihome cyacu***

Iyo mirongo yombi itwereka ko tutagomba guhagarika umutima no kuganya no guhorana uburakari kuko dushobora gushyira ibyiringiro byacu ku Mana, ariko umurongo wa kabiri ntuvuga gusa ko Imana ari ubuhungiro bwacu, uvuga ko ari n'igihome kidukingira.

Ubwihisho butandukanye n'igihome. Ubuhungiro ni umwanya w'ibanga wo kwikingamo kugira ngo umwanzi atatubona. Iyo twihishe mu Mana, Satani ntashobora kutubona. Dushobora kubona ibitambuka, ariko Satani ntiyatubona. Ntashobora kumenya aho turi kuko tuba twamwihishe mu gicucu cy'Isumbabyose.

Igihome, ku rundi ruhande, ni umwanya ugaragara wo kwikingira. Umwanzi aba azi ko turimo, ariko ntashobora kutugeraho kuko atabasha kudushyikira- nko muri filime za Westernne za kera aho abasirikari bubakaga ubwihisho bukomeye mu biti bikomeye ngo bihishe abanzi babo.

Dushobora kuba twibereye mu bwihisho aho tubasha kubona umwanzi ariko we ntatubone, cyangwa tukaba turi mu gihome kigaragara aho umwanzi atureba ku mugaragararo ariko ntabashe kudushyikira kubera ko tuzengurutse n'uburinzi bw'Imana.

Umurongo wa 2 na wo ufite akamaro nk'uwa mbere, kuko amasezerano ahebuje ari muri iki gice cyose azasohora bitewe n'uko ibisabwa muri icyo mirongo byubahirijwe.

Azategeka abamalayika be (badasanze) kugendana nawe, kugutabara no kukurinda mu nzira zawe zose (zo kuyubaha no kuyikorera) (umurongo wa 11) niba ariko ibisabwa mu murongo wa 1 n'uwa 2 byujijwe - niba dukurikije iby'icyo mirongo.

## ***Kumwishingikirizaho***

Kuko twumvise ibyo kwizera kwanyu muri Kristo Yesu [kumwishingikirizaho mu bumuntu bwanyu bwose mwiringiye byimazeyo imbaraga ze, ubwenge bwe, no kugira neza kwe].  
*Abakorosayi 1:4*

Ku murongo wa 2 wa Zaburi ya 91, aho umuhimbi wa Zaburi avuga ngo "Ndabwira Uwiteka", ntaba avuga ko azavuga ku munwa gusa, "Kubwira Uwiteka" ntibivuga kuvuga mu mutwe imirongo ya Bibiliya no kuyisubiramo uvuga cyane. "Kubwira Imana" bisaba ko tuba tuyiringira koko, ko dushyira ibyiringiro byacu byose muri yo kandi ko tuyishingikirijeho mu buryo bwuzuye.



Dufatiye ku rwandiko rwandikiwe Abakolosayi 1:4, tubona neza icyo kwizera ari cyo; kwegamiza ubugingo bw'umuntu bwose ku Mana wiringiye byimazeyo imbaraga zayo nyinshi, ubwenge bwayo no kugira neza kwa Yo.

Mu minsi ishize Imana yanyeretse uburyo tuyishingikirizaho. Kubera ubwoba bwacu, tugerageza kuyegamira. Ariko usanga dushyira ibiro byinshi ku birenge byacu kugira ngo Imana niyigendera tubashe gusigara tugihagaze n'imbaraga zacu.

Dushobora kumenya igihe tutiyegamiye ku Mana by'ukuri, kubera ko icyo igihe ibitekerezo byacu biba byibwira muri ubu buryo ngo: "Nyagasani, ndakwizera yego, ariko nutamfata, mfite ubundi buryo bundi ndibwirwaneho."

Uko si ukwizera Imana byuzuye. Imana irashaka ko tuyizera nta gace twishigarije, nta zindi ntekerezo cyangwa nta yindi migambi yo kumva ko bitazashoboka. Mbese Imana ni ubuhungiro bwawe koko? Koko se ni igihome cyawe? Koko se uyishingikirizaho kandi ukayiringira? Cyangwa se urimo kuyiringira ku munwa gusa? Niba utunganyije umurongo wa 1 n'uwa 2, igice gisigaye cy'iyi.

Zaburi ya 91 cyuzuye amasezerano atangaje kuri wowe.

### ***Imana izakurokora kandi ikubundikire***

Kuko ari we uzagukiza ikigoyi cy'umugoyi, na mugiga irimbura. [hanyuma] azakubundikiza

amoya ye, kandi uzajya uhungira muni y'amababa ye; umurava we ni ingabo n'icyuma kigukingira. *Zaburi 91:3,4* Amasezerano ya mbere atangaje tuyasanga mu murongo wa 3 n'uwa 4. Ivuga ku kurokora kw'Imana n'uburinzi bwayo.

Ingabo y'imbohano n'ingabo ibajwe mu giti byombi ni uburyo bwo kwikingira bukoreshwa ku rugamba. Akenshi ingabo y'imbohano yabaga ari nini bihagije ishobora gutwikira umubiri wose w'umuntu, ikamurinda imyambi y'umwanzi. Ingabo zimwe zabaga ari imiviringo aho kuba zirambuye kandi zarindaga neza imyambi yaturukaga ku ruhande rw'iburyo cyangwa urw'ibumoso.

Ingabo ibajwe nayo, mu rundi ruhande, yari ingabo ntoya itwarwa ku kuboko cyangwa mu ntoki. Yakoreshwaga cyane cyane ku ntambara y'abarwanyi bahanganye bakoresha amaboko (basakiranye) kandi yagiraga umumaro mu kwikingira impande zose z'umubiri igihe umurwany yabaga ahanganye n'umwanzi.

Ibi bimeze nk'ishushanya-mvugo riri muri *Zaburi 125:2* rivuga ngo "nk'uko imisozi igose i Yerusalemu, ni ko Uwitwaga agota abantu be."

Tutitaye ku bihe nnyewe nawe turimo, Imana iri mu ruhande rwacu. Birashoboka ko twaboneka nk'abihebye, ariko iyo Imana iri mu ruhande rwacu, umubisha wacu yaba nde? (*Abaroma 8:31*)

Imana ihorana natwe kuko yadusezeranyije mu rwandiko rw'abaheburayo ngo: "Sinzabasiga sinzabahana..." Iri muni yacu kuko Bibiliya itubwira ko itubumbatiza amasezerano yayo (Zaburi 119:116) Imana iri hejuru yacu kuko yatwijeje muri Zaburi 91:4 ngo "Azakubundikiza amoya ye, kandi uzajya uhungira muni y'amababa ye."

Shyikira iyi shusho neza uyishyire mu mutima wawe. Imana ihora ikuzengurutse. Imana iri mu ruhande rwawe. Iri muni yawe kandi iri hejuru yawe. Satani niwe wenyine ukurwanya ariko igihe cyose uzaba wibereye mu bwihisho bw'Isumbabyose, utajegajega kandi ushikamyeye mu muni y'Ishoborabyose. Umwanzi ntazakubona, nta n'ubwo azagushyikira. Niba ibi byose ari ukuri, kuki wakongera kugira ubwoba kandi?

## ***Ntuzatinya***

Ntuzatinya igiteye ubwoba cya nijoro cyangwa umwambi urashwe ku manywa (imigambi n'amagambo y'abagome), cyangwa mugiga igenda mu mwijima cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa y'ihangu. Abantu ibihumbi bazagwa iruhande rwawe, abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe ariko ntibizakugeraho. Uzabirebesha amaso yawe gusa, ubone ibihembo by'abanyabyaha. Kuko ari wowe buhungiro bwanjye Uwituka, wagize Isumbabyose ubuturo.  
*Zaburi 91:5-9*

Wowe nanjye dukeneye kwiga uburyo bwo kwibera mu bwihisho bw'Imana. Tumenye uko twakwibera muri ubwo bwihisho, Satani yamwara. Tuzaba dushobora kwiyicarira no kumureba ibyo arimo gukora byose agerageza kutugeraho, ariko bizamunanira kuberako tuzaba turi aho adashobora kugera.

Mu myaka yashize, Imana yampaye kwimuka mva mu cyiciro njya mu kindi. Muri icyo igihe nari nkijijwe kandi narabatijwe mu Mwuka Wera, ariko nari nkiri mu rudubi rw'ibibazo. Ni bwo Imana yatangiye kunyigisha ko muri Yo honyine ariho hari umunezero wuzuye kandi ko ninguma muri yo ariho nzabona umutuzo no gushikama mu buzima bwanjye.

Icyo gihe, narinduhijwe no guhindagurika, kuburyo nari nkeneye gushikama. Sinashakaga rwaserera yo mu mutima. Sinashakaga gutegekwa n'ibihe nari ndimo. Sinashakaga kumara igihe cyanjye cyari gisigaye nsakuriza Satani. Nashakaga gutunganya ubuzima bwanjye no kwakira ndetse no kunezererwa imigisha Bibiliya yavugaga ko nemerewe nk'umwana w'Imana.

Bigeze kuri urwo rugero, Imana yatangiye kunyigisha ibyerekeye kwibera mu buturo bwayo. Mu gihe cy'imyaka myinshi nize byose kuri icyo kintu, kandi, buhoro buhoro ntangira gushyira mu bikorwa iyo nyigisho mu buzima bwanjye.

Nyuma y'imyaka, nshobora kukubwira noneho icyo uko kwimuka kwanzaniye mu buzima bwanjye. Nabonye umunezero mwinshi no gushikama. Ibyo ariko ntibivuga ko

nta bibazo ngira, ibyo ntibivuga ko ntajya mpura n'intambara. Ahubwo ni ukuvuga ko hagati mu bibazo n'intambara byo mubuzima, mbasha kuguma muri yo no kuguma mu mutuzo.

Zaburi ya 91 si igihangano cyiza kirimo ubuhanga bw'ubuvanganzo gusa. Ni ukuri rwose kandi nshobora guhamya ukuri kwayo mu buzima bwanjye bwite.

Niwiga byonyine kuguma mu bwihisho bw'isumbabyose, Satani ntazongera kugutsikamira, ntazongera kugutegeka.

Iyo wagize Uwiteka ubuhungiro bwawe, Isumbabyose, ubuturo bwawe, uzashobora kwiyicarira gusa urebe ibihembo by'abanyabyaha, ariko nta cyago kizakugeraho.

### ***Ntabwo icyago kizakugeraho***

Nuko nta kibi kizakubaho, kandi nta cyago kizegera ihema ryawe. Kuko azagutegekera abamarayika be [badasanze], ngo bakurinde mu nzira zawe zose [zo kubaha no kuyikorera]. Bazakuramira mu maboko yabo, ngo udakubita ikirenge ku ibuye. *Zaburi 91:10-12*

Bibiliya yiswe "The Amplified Bible" ivuga neza ko uyu marayika -murinzi abana natwe iyo tugendera mu kubaha no gukorera Imana.

Umwe mu bagore dukorana yari yicaye mu bwato umunsi umwe. Yari amaze umwanya asoma kandi yatura umurongo wa 10 ku byerekeye ko nta kaga kazegera ku ihema rye kubera

ko malayika w'Imana ahora amwitaho. Mu mwanya muto, ubwato bwasekuye ku muraba, aragwa maze asekura umutwe ku rukuta rw'ubwato ahagana ku ruhande.

Ubwo byaramuyobeye. Ntiyiyumvishije ukuntu yaba yari arimo kwiyaturiraho umurongo werekeye uburinzi bw'Imana, ariko akarenga akababazwa. Abajije Imana kubw'iki kibazo Imana iramubaza iti: "Hari ubwo upfuye?" N'ubwo we atabitekerezaga muri ubwo buryo, ariko abamarayika b'Imana baramurinze.

Ni inshuro zingaha washoboraga gupfa iyo abamarayika b'Imana batakurinda? Ahari ni inshuro nyinshi cyane kurusha uko wabitekereza! Ntitugomba guhora duhangayikiye ibyo tubona Imana idukorera, ahubwo tujye dushima Imana ku byo idukorera.

## ***Wagombye gukandagira umwanzi***

Uzakandagira intare n'impoma, uzaribata umugunzu w'intare n'ikiyoka. *Zaburi 91:13*

Muri Luka 10:19, havuga kimwe n'uyu murongo kandi hasobanura cyane kurushaho icyo intare, impoma, sikorupiyo n'inzoka bisobanura: "Dore mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na sikorupiyo, n'imbaraga z'umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara.

Intare, impoma, inzoka, impiri na sikorupiyo byose byerekana umwanzi. Imana yaduhaye ubutware kuri byo;

ubutware bwo kubikandagira cyangwa kubiribata. Ubutware yaduhaye (exousia) ni ubwo dukomora muri Yesu.

Iyo duhisemo gukoresha ubwo butware dukandagira umwanzi. Uwo niwo mwanya wacu twagenewe mu Mana niba duhagaze neza mu mwanya udukwiriye.

### ***Kuko tumukunda***

Kuko yankunze akaramata, ni cyo nzamukiriza, Nzamushyira hejuru kuko yamenye izina ryanjye [ubwe yamenye imbabazi, urukundo no kugira neza kanjye, aranyizeye kandi azi ko ntazamuhemukira na rimwe, na rimwe!]. Azanyambaza nanjye mwitabe, nzabana nawe mu makuba no mu byago, nzamukiza muhe icyubahiro. *Zaburi 91:14,15*

Mumenye ko kugira ngo tubashe kwemererwa kugira uruhare ku migisha y'Imana n'uburinzi bwayo, buri muntu agomba kumenya neza izina rya yo ku giti cye. Ntitwakwishingikiriza ku mubano wacu n'Imana binyuze mu babyeyi bacu, cyangwa inshuti zacu. Tugomba kwigerera ubwacu ku Mana. Tugomba kwigerera mu bwihisho, mu mwanya w'ibanga kandi tukamarana na yo igihe kirekire.

Inshuro nyinshi ibyo tuba twitekerereza ni agace gato k'iriya nteruro kavuga ngo: "Nzamukiza." Natwe tukavuga tuti: "nkiza, nkiza, nkiza". Nyamara kubohoka ni inzira ndende. Niba dufite ingorane, icyambere ni uko Imana izabana natwe muri

izo ngorane, izadukomeza, maze izidutambutsemo gitwari. Nyuma hazakurikiraho kutubohora mu buryo bw'umwuka no kutwambika icyubahiro.

Mu gihe cy'imyaka myinshi Imana yabanye nanjye mu magorwa no mu bigeragezo nari ndimo, igihe nageragezaga guhangana n'ibyo nari nahuye na byo mu gihe cyashize.

Nyamara, igihe yatangiraga kumubohora mu mwuka, nibwo yatangiye kunyambika icyubahiro.

### ***Nzamuha uburame***

Nzamuha uburame, kandi nzamwerekana  
agakiza kanjye. *Zaburi 91:16*

Rimwe na rimwe biroroshye kubona ko ibyaha byinshi byo mu mubiri nko gusinda ibiyobyabwenge, no gusambana biganisha ku rupfu. Nyamara dushaka koroshya ibyaha bitaboneka inyuma nko guhagarika umutima, kwiganyira, no gutekereza ku buzima birenze. Usanga tubisobanura tukavugana ngo si ibyaha, ariko ni byo. Bigira ingaruka ku mubiri wacu kandi biturundurira mu gukenyuka kubera indwara z'umutima, ibisebe ku gifu (Ulcères) n'umuvuduko w'amaraso.

Nyamara umugambi w'Imana kuri twe wari ukuramba no gushyikira amasezerano meza kandi atangaje aboneka muri iyi Zaburi. Mu gihe uzaba ukomeje urugendo rwawe rwo mu buzima, ubutaha n'uhura n'ibikangisho by'umubi, uzashyire mu bikorwa amahame yo muri Zaburi 91:1,2 - Guma mu bwihisho



bw'Isumbabyose, muni y'igicucu cy'Ishoborabyose, uyishingikirizeho kandi uyiringire ni ubuhungiro bwawe n'igihome cyawe.

### ***Kurikira ibyapa.***

Ariko nimara kuzurwa, nzababanziriza...

*Mariko 14:28*

Noneho ibyapa biri ku nzira yawe ni ibi: (1) Izere Imana kandi ntuhagarike umutima (2) Ntutinye kandi we kwiganyira (3) Ikoreze Imana amaganya yawe kandi ureke intekerezo zose zikurenze.

Niba utifuza kuyobera ku ruhande rw'iburyo cyangwa rw'ibumoso, itondere ibyo byapa. Niba ubona wayobeye ku ruhande rumwe cyangwa ku rundi, ugomba kwikosora kugira ngo utagongana cyangwa ukagwa mu mukokwe.

Muri iyi nzira ya gikirisito, imwe mu mpamvu z'ingenzi zituma tuyoba mu rugendo, ni ubwoba. Mu butumwa bwiza bwa Yohana 15:5, Yesu aravuga ati: "nta cyo mushobora gukora mutamfite" Tekereza uwo murongo maze ureke ijambo "nta cyo" riguhishurirwe. Guhangayika ntacyo byakungura ku kibazo cyawe.

Ahubwo ukwizera ntiguhangayika cyangwa ngo kwiganyire iby'ejo, kubera ko kwizera kutwemeza ko aho twashaka kugera hose, Yesu yatubanjirijeyo mbere.

Si ngombwa kumenya no gusobanukirwa impamvu zitera ibintu byose ducamo mu buzima, jya wizera neza ko icyo ukeneye kumenya cyose Imana izakiguhishurira.

Hitamo kunyurwa no kumenya wa wundi uzi, kandi ukora ibintu byose neza.

**IGICE CYA KABIRI**  
**IMIRONGO YO MURI BIBILIYA**



---

## **IMIRONGO YO MURI BIBILIYA IFASHA MU GUTSINDA UBWOBA**

Soma iyi mirongo ya Bibiliya kandi uyature, bizagufasha kugira ubuzima buzira impagarara:

Amaganya yo mu mutima atera umuntu akiyumviro, ariko ijambo ryiza risusurutsa uwo mutima. *Imigani 12:25*

Iminsi y'umunyamibabaro yose ni mibi [kubera intekerezo mbi no guhangayika], ariko ufite umutima unezerewe ahora mu birori [atitaye ku bihe arimo] *Imigani 15:15*

Ugushikamijeho umutima [we wose] uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye. *Yesaya 26:3*

Ni cyo gitumye mbabwiye nti: "ntimukiganyire ngo mutekereze iby'ubugingo muti 'tuzarya iki?' cyangwa muti 'tuzanywa iki?' Ntimukiganyire ngo mutekereze iby'umubiri wanyu ngo 'tuzambara iki?' Mbese ubugingo ntiburuta ibyo kurya, umubiri nturuta imyambaro? Nimurebe ibiguruka mu kirere: ntibibiba, ntibisarura, ntibihunika mu bigega, kandi so wo mu ijuru arabigaburira na byo. Mwebwe se ntimubiruta cyane?" *Matatyo 6:25,26*

Nuko ntimukiganyire mugira ngo 'tuzarya iki?' Cyangwa ngo 'muzambara iki?' *Matayo 6:31*

Ntimukiganyire mutekereza iby'ejo, kuko ab'ejo baziganyira iby'ejo. Umunsi wose ukwiranye n'ibibi bya wo. *Matayo 6:34*

Maze amaganya y'iyi si n'ibihendo by'ubutunzi, n'irari ryo kwifuza ibindi, iyo bibinjiye mu mitima biniga iryo jambo ntiryere. *Mariko 4:19*

Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye. icyakora simbaha nk'uko ab'isi batanga. Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitinye [murekere aho kwirwanirira no kubura amahoro, kandi ntihagire ikibakanga, ngo kibabuze umutuzo, kibace intege] *Yohana 14:27*

Ariko ndashaka ko mutiganyira .... *1 Korinto 7:32*

Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana

Mubisabiye [ibyifuzo bisobanutse], mubyingingiye mushima. Nuko amahoro y'Imana [azaba ayanyu... ayo mahoro] ahebuje rwose ayo umuntu yamenya, azarindire imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu. *Abafiripi 4:6,7*

Ibisigaye benedata, iby'ukuri byose, ibyo kubahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye

byose, iby'igikundiho byose, ibishimwa byose,  
nihaba hariho ingeso nziza kandi hakabaho  
ishimwe ari byo mwibwira *Abafilipi 4:8*

Muyikoreze amaganya yanyu yose  
[ibibahangayitse, ibibateye ubwoba, ibyifuzo  
byanyu, byose icyarimwe] kuko yita kuri mwe.  
*1 Petero 5:7*





## **ISENGESHO RYO KURWANYA IMPAGARARA**

Data mfasha kudahagarika umutima. Menye ko impagarara nta kintu cyiza zinzanira ahubwo mu by'ukuri zituma ibibazo byanjye biba bibi kurushaho. Mfasha njye nerekeza umutima wanjye ku bintu bitunganye gusa byagirira umumaro jye ubwanjye n'ubwami bwawe.

Mana ndagushimira ko unyitayeho. Ufite umugambi mwiza ku buzima bwanjye. Uhereye ubu ngiye gutangira gutera intambwe wanyeretse kugira ngo ngere ku mugambi wawe.

Nshyize ibyiringiro byanjye muri wowe ubwawe no mu Ijambo ryawe. Nshyize ibingose byose kuri wowe kuko nzi ko unyitayeho.

Mu izina rya Yesu, Amina.